# L'EMANCIPATION

UNIVERSITE NATIONALE DU RWANDA
COLLECTION R. ANALYSE
BIBLIOTHEQUE
14 FEV. 1994

100 FR

Bimensuel Indépendant

JIJUKA N°1

Umwaka wa mbere : Mutarama 94

## INZARA KU GIKONGORO : IMPERUKA



Inyungu za rubanda abanyapolitiki bavuga ni izi ?!

## INZIBACYUHO YAGUYE : TUZAYIBARA TUYIBONYE





Ishyaka MDR ni ryo ryari ryahariwe kuyobora Guverinoma.

## ISANDUKU Y'UKUZIGAMA Y'U RWANDA IRANOGOTSE : ABAKOZI BARARIRA AYO KWARIKA

## Ishuri ry'uburozi kwa KABUGA Felesiyani !

## MDR IZIZE IKI, izize nde ?

Adresse : L'EMANCIPATION - JIJUKA
B.P. 2221 KIGALI

Directeur de Publication : NDAHIMANA André
Rédacteur en chef : MURERAMANZI Néhémie.

# EDITORIAL

## KUKI IKINYAMAKURU GISHYA

Umwaka wa 1994 utangiranye n'ikinyamakuru twise L'EMANCIPATION-JIJUKA. Kije gisanga ibindi byinshi bimenyerewe, ndetse twanditsemo. Abenshi baribaza igishya twe tuzanye.

Icyambere rero izina rya L'EMANCIPATION, ni igifaransa ariko abanyarwanda bararizi cyane. Twe dusanga rubanda rugufi rwaraterera-nywe cyane ku buryo inzara itera, abantu b'isoni nke bagasobanurira abaturage ibidahuye n'ukuri, bavanga politiki n'amapfa, bavanga ubuswa no kwihisha inyuma y'impamvu zitumvikana neza. None se ko dutuye mu masambu mato, kandi agenda arushaho kuba mato uko tuyasaturamo tuyaraga abana bacu, bigatuma tweza bike kandi dufite abana benshi, abasobanura ko babonye ONAPO gusa babona ari cyo gisubizo cyonyine gishoboka. Byonyine umurage w'abasokuruza wo gutura ahantu noneho hagunduka ukimuka, ntugishobotse kuko bene imitsima bayitsimbarayeho.

U Rwanda rwose rwuzuye abantu, ntaho ushobora gusuhukira ngo ufate isambu nshya. Abari bafite umwuga w'ubworozi, inzuri zarashize bahindutse abahinzi, ku butaka bwa ntabwo. Tugeze rero igihe cyo gukoresha ubuhanga buhanitse kugira ngo dushobore kubaho ku butaka buto.

Birasaba ubushishozi bw'abantu bize bakunda ikiremwamunyarwanda, bakora ubushakashatsi bakanabutangaza. Ngiki ikinyamakuru dushaka ko kizahuza rubanda rugufi (rwashatse ko abana barwo bajya kwiga) n'abahanga bazagenda bashyira mu kinyarwanda (aho bishoboka) ubumenyi bufitiye iyo rubanda akamaro.

Muri uko kwiga twizere ko abana ba rubanda rugufi bafunguye amarembo mu mitwe yabo n'ubu bakibikora. Mwikwishisha ababyeyi banyu, mwikwishisha abana banyu. Imyifatire yacu imbere y'ibibazo biri hano iwacu i Rwanda, ndetse n'uko mu mahanga bimeze muzabisanga muri l'EMANCIPATION-JIJUKA. Akaga abandi bafite muzakamenya ngo none mutava aho mukeka ko ari mwe mubabaye mwenyine.

Ubukungu abandi bafite tuzareba uko babugezeho niba byaduha urugero. Politiki irimo gukorerwa mu Rwanda n'ahandi ku isi tuzayisesengura dushize amanga maze rubanda rugufi rusobanukirwe rujijuke, rumenye uko rwifata. Tuzavuga byose, cyane dutekereze rubanda rumerewe nabi, kuko twe duturuka mu misozi dukunda, isonza bikatubabaza. Tuzatabaza, duteganye mbere dukurikije ubumenyi iyo rubanda yatumye tugeraho.

Ntituzarega, tuzakosora cyangwa dufashe gukosora.Ntituzatukana tuzavugisha ukuri.

Akarengane tugaya ntituzagakorera abandi. Nta rwango, nta nduru buhoro buhoro tuzafasha rubanda rugufi kubona ibisubizo ku bibazo ifite.

Tuzarwanya urugomo tugerageza kwerekana aho ruturuka. Amahoro n'ubutabera twifuza ubwacu, tuzagerageza kubishakira n'abandi, hano iwacu n'ahandi ku isi, aho bishoboka.

L'EMANCIPATION-JIJUKA ni ikinyamakuru cyawe, uwo uriwe wese. Twandikire, tunegure, dutere inkunga, niba ufite imigambi nk'iyacu.

Hagati aho tubifurije umwaka w'amata n'ubuki w'1994.

NDAHIMANA André.





# Inzara ku GIKONGORO : Imperuka.

Iyo uhingutse ku GIKONGORO mu mujyi, ubona abantu bagenda ntacyo ushobora kubona cyerekeye ububabare bw'abantu. Yewe n'iyo ugiye mu biro, ubona abagabo n'abagore bameze neza, baseka, igiparu ari cyose nkuko bisanzwe hirya no hino mu kazi ko mu Rwanda.

Ariko wareba imisozi ikikije umurwa mukuru ukabona biracika. Ubundi mu Kuboza twajyaga tubona heze ibishyimbo. Bimwe bifite amababi y'umuhondo, nta mababi y'icyatsi kibisi wabona. Ndetse wabonaga ubusanzwe Igihugu cyegeranye muri uko kwezi kw'impera z'umwaka, kuko hirya no hino habaga ari icyatsi kibisi gitewe n'amakoma y'urutoki ashishe, ibyatsi n'ibiti mu gisambu bishishikaje amaso. Ubu siko bimeze, ku gasusuruko, Igihugu kiraka, imirima irimye idateyemo ikintu niyo myinshi, ku buryo ubona hasigaye gato ngo hose habe ubutayu.

Iyo wigiye hirya gato mu makomini, n'aho wari gusanga byibura ibyatsi byumye n'ibiti birimo kuma, barabitwitse, udusozi turashinyitse ! Biteye ubwoba. Mu tubande tumwe, imigezi yarakamye, nta bijumba biriwe bahahinga usibye ko banabikura akenshi bitaranashora bibeshya ko yenda haba hari icyajeho.

Mu byo tuzi bitunga abantu, nta na kimwe wabona mu mirima. Urutoki n'ikawa nabyo birimo kuma dore ko nta n'icyo bisaruriye muri sizeni ishize. Iyo uhuye n'abantu noneho rero mu giturage ni ibindi bindi. Amaso yaheze mu kirere. Usibye ko nayo yabaye umweru mu isura yannyunkutse. Abo ni abana.

Abantu bakuru bo, abashobora kugera hanze nko ku isoko, mu misa cyangwa se bahetse abarwayi bajyanwa kwa muganga, hari abakimeze neza, hakaba n'abandi, aribo benshi, bahuhwa n'umuyaga. Abantu benshi bapima ibiro biri munsi cyane y'imyaka n'uburebure bwabo.

Inkuru twahuye nayo ni iyo umudamu wari mwiza abagabo bose bamurabiriza indimi, bari basigaye bareba amatako ye asigaye ari amagufa gusa, amabengeza yateraga asigaye atera amarira. Abamukundaga bavuma inzara ibabujije amahaho. Yari akiri muto.

Abantu benshi baheze mu mazu yabo. Ntibashobora kujya kwivuza. Abo twabonye bari ku kazuba nta gatege bafite, barahinda umushyitsi. Bati ni marariya. Kwa muganga bite ? Ni kure kandi nta mafaranga ! Abaturanyi se ? Yewe, ababishoboye bafasha abandi, ariko abababaye ni benshi ku buryo bageze aho bakananirwa !

N'iyo batananirwa kandi, ingo nyinshi zirashonje, no mu bakungu byagezeyo ! Abana babo nabo basigaye bajya gushukura. Twagirwa n'abagiraneza naho ubundi turashize. Nta n'ubwo dushobora gusuhuka, kuko twumva ko n'ahandi izuba ryacanye, kandi n'abagiye muri TANZANIYA barabirukanye. Turashize. N'abana ntibakijya mu ishuri.

Ayo ni amagambo twumviye muri Komini KARAMA (Kiraro na Muganza segiteri zazengerejwe cyane n'inzara). Bikaba ari ubugira kenshi. Ariko usibye aho, hari n'utundi dusozi twinshi twa GIKONGORO tumerewe nabi, ku buryo nko muri KARAMBO abantu batagishobora kujya gukorera ibiryo muri za poroje (Projets HIMO n'izindi). Biteye ubwoba.

Muri NSHILI, aho impunzi z'abarundi zaziye, Burugumesitiri KADOGI yatubwiye ko abaturage bava mu ngo zabo bakaza kwibera mu nkambi z'impunzi, ngo nabo bafashwe. Ibyo kurya bari bafite abenshi babyakirije Impunzi none byarashize. Byari ibirayi bihingiye mu ishyamba ahantu habujijwe, ariko akamaro byagize byari bikwiye guhanagura burundu icyaha. Nta mategeko hejuru y'umuntu wicwa n'inzara, cyane cyane ko usibye ibura ry'imvura yatumye bajya ahahehereye (mu ishyamba) ubundi ntabwo bajyaga basuzugura amategeko.

Muri MUBUGA, twasanze ngo abantu benshi cyane bagiye gushira na malariya. Nta munsi w'ubusa hadapfa abantu bageze nko kuri 20.

Nyamara rero uturere twegereye ishyamba rya NYUNGWE ho hapfa kuburaburiza ntabwo abantu bamerewe nabi nk'uturere



*Uwabaha agafumbire bagira icyo baramura.*

tundi. Ndetse n'abegereye ibishanga bya MWOGO, RUKARARA, MBIRURUME n'AKANYARU bashoboye guhinga udushyimbo n'utujumba usibye ko naho bugarijwe.

Jye rero uko nabibonye ni imperuka. Usibye ko ubutegetsi bwahagurutse bugatabaza, kandi noneho ikibazo kikaba ari icy'Igihugu cyose, ubuhuha buri kuvugira ku GIKONGORO ni rurangiza. Mu nyandiko zikurikira, tugiye kwerekana uko ikibazo giteye mu mibare iherekejwe n'amagambo, n'ibisubizo byatanzwe, hanyuma dutange umwanzuro. Ariko nshatse nabamvuze ko niba tudahagurukiye akarande k'inzara biraducikanye. Hehe n'ikiremwa gifite umuco nyarwanda! (fin de la civilisation rwandaise).

**GUFASHA GIKONGORO BIRIHUTIRWA.**

Dukurikije imibare y'ibarura ry'ibiribwa n'ukuntu umubare w'abatindi ugenda wiyongera buri mwaka muri GIKONGORO, turabona byihutirwa gufasha abo bantu.

Mu mezi ya mbere ya 1993, ibiribwa byabonetse bitya :

| Ibihingwa | Amatoni yasaruwe muri 93 (amezi ya mbere) | Urugero ku myaka 90-91-92 | Inyongera cyangwa ikigabanuka (ujanishije). |
|---|---|---|---|
| Ibitoki | 8.463 | 10322 | -18 |
| Ibishyimbo | 1.012 | 1.166 | -13 |
| Amashaza | 1.266 | 1.266 | -0 |
| Ubunyobwa | 0 | 1 | -58 |
| Soya | 1.668 | 1.158 | +44 |
| Amasaka | 13.879 | 13.374 | +4 |
| Ibigori | 3.209 | 3.209 | +6 |
| Uburo | 107 | 119 | -10 |
| Ingano | 2.064 | 1.782 | +16 |
| Ibijumba | 100.220 | 95.654 | +5 |
| Ibirayi | 15.832 | 14.205 | +11 |
| Imyumbati | 22.750 | 15.941 | +43 |
| Amateke | 10.152 | 11.771 | -14 |
| Ibikoro | 190 | 394 | -52 |

Source : Rapport de situation agricole et alimentaire dans GIKONGORO, Novembre 1993.

Biragaragara ko amatoni yasaruwe yari menshi muri rusange ariko ibitunga abantu cyane (ibitoki n'ibishyimbo) byari bitangiye kugabanuka, n'ubwo ibijumba byiyongereye. Ubusanzwe dukurikije imibare ya MINAGRI, GIKONGORO niyo ya mbere mu Rwanda mu kweza ibijumba. Kugeza mu mpera z'ukwa munani rero hari hakiri uruburaburizo.

Nyamara imbonera hamwe y'igwa ry'imvura ubundi ituma abantu batera imyaka, yerekana ko guhera mu kwa cyenda kugeza mu kwa 12 imvura yabuze. Haguye igeze kuri 20 ku ijana y'iyari isanzwe igwa ufatiye urugero ku myaka 27 ishize. Bikavuga rero ko nta muntu wiriwe ajya mu murima kwiseka ngo arahinga. Ubusanzwe iyo babaga bateye ibishyimbo, icyizere cyo kurya umushogoro utegereje ibitonore, cyabaga ari cyose. None wapi. Ndetse abaturage bari batangiye kumenyera guhinga ibishyimbo by'imishingiriro barabiretse batangira kwihingira ibisanzwe (bigufi).

Muri rusange, ahahinzwe hari hahwanye na 60 ku ijana ry'aho bari basanzwe bahinga ku muhindo. Ingorane rero ni uko abibeshye bagatera, byabaye amakara, imirima igashya bayireba (yokejwe n'izuba ryinshi).

Ni nabwo abantu batangiye gutema imibyare (insina) bayigurisha ku bafite inka. Umwuma wari wose ku buryo insina zari zitangiye kugira ibishorobwa. Ibijumba babikura biteze ari amatere.

Raporo yakozwe n'Ibiro by'Imirimo y'Ubuhinzi muri GIKONGORO (D.S.A.), irerekana ko ibura by'ibiribwa muri Perefegitura yose bireba abaturage bageze kuri 64%, kandi uwo mubare ukaba ugenda wiyongera duhereye kuri ibi :

| Umwaka | Ibiribwa byabonetse muri rusange ku muntu (KCal/p/j). | Ubutaka ntarengwa bafite muri are (buri muntu). | Ijanisha ry'abantu bugarijwe n'inzara. |
|---|---|---|---|
| 1990 | 1970 | 15 | 39% |
| 1991 | 2016 | 15 | 38% |
| 1992 | 1880 | 16 | 48% |
| 1993 | 1533 | 17 | 64% |

Imvano : Raporo y'ibura by'ibiribwa Ugushyingo 1993.

Iyi mibare irerekana ko bitatu bya kane by'abanyagikongoro bari hafi gushira.

Kugira ngo umuntu abone neza uko impungenge zingana, ubushakashatsi twakoze bwerekana ko mu by'ukuri abantu bugarijwe n'inzara cyane ari benshi.

Koko rero, urebye imibare y'abatindi nyakujya (indigents) muri 1991, biteye ubwoba :

| Komini | Umubare w'ingo | Umubare w'abantu | Ibimuga | Ubutaka buhingwa bafite muri are. |
|---|---|---|---|---|
| KARAMA | 3.642 | 19.045 | 375 | 90.443 |
| KARAMBO | 2.573 | 11.912 | 123 | 64.405 |
| KINYAMAKAR | 1.303 | 40994 | 292 | 36.781 |
| KIVU | 2.635 | 10.438 | 370 | 44.921 |
| MUBUGA | 1.577 | 9.867 | 283 | 48.562 |
| MUDASOMWA | 2.605 | 10611 | 398 | 67.182 |
| MUKO | 1.643 | 6.400 | 195 | 34.800 |
| MUSANGE | 1.914 | 8.081 | 103 | 83.066 |
| MUSEBEYA | 1.588 | 5.933 | 236 | 19.764 |
| NSHILI | 2.622 | 11.573 | 278 | 47.619 |
| NYAMAGABE | 1.600 | 6.117 | 187 | 26.527 |
| RUKONDO | 1.307 | 5.983 | 213 | 27.213 |
| RWAMIKO | 467 | 1.841 | 112 | 11.321 |
| Perefegitura | 25.466 | 112.975 | 3.165 | 602.604 |

Imvano : Ubukene ku GIKONGORO.

Ibi birerekana umubare w'ingo n'abantu n'ubusanzwe batari bifashije, akaguru kari mu mva. Iyo mibare ubu rero yikubye gatatu n'igice, ku buryo ku baturage 485.000 batuye GIKONGORO, nta shitf 400.000 bari mu mazi abira, kuko nta bapfira gushira.

Twibutse ko umubare w'ingo z'abatindi n'ubusanzwe muri GIKONGORO ugenda wiyongera ho mirongo itandatu ku ijana. Iyi nzara y'uyu mwaka ni simusiga. Nyamara ibisubizo birimo birashakwa. Ubuyobozi bw'Imirimo y'Ubuhinzi bubibona gute ? Abaturage bite ? Abahavuka bakora ahandi babibona gute ?

Ibisubizo mu nyandiko zikurikira.

**RUHIGANA Vénuste, ushinzwe Ubuhinzi ku GIKONGORO twarabonanye.**

*N.A. : Ndahimana André (Yatanze ibibazo)*

**R.V.** : Ruhigana Vénuste (Yarashubije).

***N.A. : Ese ni itinda ry'igwa ry'imvura ryonyine ryateye inzara?***

**R.V.** : Ubu ngubu yego. Ariko n'ubusanzwe abantu ntibeza cyane. Mu minsi yashize ntabwo washoboraga kubibona neza, abantu barumumiriza. Muri iki gihe, izuba ryaracanye, tugiye

kureba dusanga nta kiri mu buhuniko. N'ubusanzwe ariko igihe cya mbere cy'ubuhinzi cyagenze nabi.



*Impunzi z'Abarundi zarabasonze*

***N.A. : Mu by'ukuri hapfuye abantu bangahe bishwe n'inzara na marariya?***
***Ese umubare w'abana bavuye mu ishuri kubera inzara hari uwo muzi?***

**R.V.** : Ibyo byabazwa mu butegetsi bwa Perefegitura.

*N.A. : Mufite imishinga y'ubuhinzi ingahe? Intego cyangwa inshingano zayo ni izihe? Ese zagezweho?*

**R.V.** : Hari P.A.P., P.D.A.G., PASAM, CZN, DANK, P.A. KARAMA (Jumelage). Inshingano zayo ntabwo zagezweho ijana ku ijana ariko ibyinshi byagezweho. Ariko nagira ngo mbonereho mvuge ko abantu bibeshya ku mishinga cyane. Bituma bamwe bavuga ngo GIKONGORO ifite imishinga y'ubuhinzi myinshi, bikaba bitumvikana uko yakwicwa n'inzara. Ndasobanura ko imishinga itabereyeho gutangira ubuntu ibyo kurya cyangwa ibindi byose. Ahubwo igenewe gufasha abahinzi-borozi gushaka imibereho myiza yabo hakoreshejwe tekiniki no kwigisha ukoresheje urugero (appuyer les agriculteurs dans leur recherche de bien-être par la technique et la formation par démonstration).

None rero, abahinzi bigishijwe gukoresha ifumbire ariko bazitirwa cyane n'ibiciro bihanitse by'amafumbire. Nko muri P.D.A.G. ntidutanga amafumbire n'ibikoresho by'ubuhinzi ku buntu. Sicyo umushinga ugamije. Biteganijwe ko uwo mushinga nurangira, ibikorwa byawo bizafatwa n'abikorera bwite.

Ubu icyo dukora ni ukubwiriza abaturage guhinga ibyera vuba (variétés précoces). Ntidushobora gukora ku bikoresho n'uburyo bw'umushinga ngo dutangire ubuntu. Twe tuzi aho ibikoresho n'imiti yica udukoko bibarizwa. Noneho tukohereza amakamyo yacu akabizana, akabyegereza abaturage. Ndetse nk'ubu ho iyo tumenye aho ibiribwa biri tujya kubizana tukabyegereza abaturage. Ikindi dukora ni ukwigisha abahinzi-borozi twifashishije Ikigo IWACU (Kabusunzu) mu gucunga neza amasambu n'umusaruro n'amakoperative byabo. Kubera ko amakoperative abantu bajijutse kurusha abandi bagiye bayirira bakayasiga iheruheru, twahisemo noneho guhugura benshi kugira ngo umwe atazajya ashobora kurimanganya. Muri rusange rero, imishinga ibereyeho abaturage mu kwishakira bo ubwabo guteza imbere imibereho yabo.

*N.A. : Mubona ba kavukire ba GIKONGORO baba ahandi bakora cyangwa bakize babafasha iki, cyane cyane muri gahunda yanyu yihutirwa?*

**R.V.** : Ba kavukire baba ahandi bashobora kudufasha bafasha abantu mu miryango y'iwabo babaha ibikoresho. Urugero : nka arozwari ku begereye ibishanga, amapompo yo gutera imiti n'utundi n'utundi kuko abaturage nta mafaranga bafite yo kubigura.

Ikindi ni uko badufasha gukangurira abaturage inama tubaha ntibaduce intege bikorera ibitajyanye n'ibyo twateganije (Birasaba ko abantu bamenya poroje ziri iwabo), kandi bakumva ko imishinga iri iwabo atari iy'ubuntu.

*N.A. : Byaba ari byo ko umushinga wa CZN waba waratsinzwe ku ntego zawo ndetse ukaba uri hafi kuzimira? Niba ari byo, icyo gihombo cyatewe n'iki?*

**R.V.** : Umushinga CZN wakoze byinshi cyane ariko hari uburyo n'ibikoresho bitakoreshejwe mu buryo buhwitse. Habaye n'ibura ry'amafaranga yagombaga gukoreshwa (Financement FED). Umuryango w'i BURAYI witwa FED wari uteganije gukomeza gushora amafaranga muri CZN kugeza muri 1995 mu gihe bagitekereza icyo iyo CZN yazaba nyuma. Haje kuvuka ibibazo mu buyobozi bwa CZN, ku buryo bavugaga ko FED itazongera gutanga amafaranga niba umuyobozi agihari.

**NDLR** : Uwo mu diregiteri MUTABARUKA niwe washinze Ishyaka ry'abakirisitu ryo guhangana na P.D.C. ya NAYINZIRA; ibibazo by'uburokore byarushije ingufu ibibazo by'amajyambere. Ndetse ngo afitanye amakimbirane na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi yaba yaramuhinduye akanga kuhava ashyigikiwe na MINIPLAN na MINIFOP : ikibazo ni kirekire cyane kuko kireba politiki rusange y'Igihugu n'uburyo abantu bamwe bafashe amashyaka ya politiki hakurikijwe intambara y'Ukwakira 1990.

*N.A.: Naho indi mishinga ?*

**R.V.** : Ku mushinga DANK (Développement NSHILI-KIVU), uyoborwa na MUTIJIMA Augustin, nta kibazo dufite, uzarangirana na 1994. P.D.A.G. yiswe iryo zina guhera muri 1990 (witwaga P.I.A.), ukaba uzageza muri 1996. Intego zawo nyinshi zagezweho. Uri mu mishinga ikora neza muri iki gihugu. Ukorera mu makomini 7 kuri 13 : MUBUGA, RWAMIKO, NYAMAGABE, KINYAMAKARA, MUDASOMWA, KARAMBO. Dukora mu buryo buruhanije cyane. Ariko usibye ibihe byabaye nabi, ibiribwa byari byarashoboye kwiyongera ku buryo bugaragara. Nk'ibirayi, ibishyimbo by'imishingiriro, ingano rwose umusaruro wari ushimishije, yewe no muri KARAMA. Ngera hano (1990), twajyaga kugura ibirayi i Butare. Ntitwari tukijyayo, ubutohe mu bishanga bwari bwose.

*N.A. : Ese ubundi ubuso bw'ibishanga muri GIKONGORO bungana iki ?*

**R.V.** : Minisiteri niyo yagusubiza, nibo bakoze ibarura n'ubuso byabyo. Nawe ushobora kubyirebera ukoresheje amafoto yo mu kirere (photo aériennes).

*N.A. : Habuze uwuhe mushinga ukurikije ihari kugira ngo ubunganire ?*

**R.V.** : Indi mishinga izazana na P.N.A.S. igamije kwongera amafaranga menshi mu giturage. Igipande cy'ibikorwa byacu cyerekeranye n'imihanda nticyari gihagije, kiziyongera muri P.N.A.S. ariko byatweretse ko hari abantu benshi mu giturage badafite amasambu na busa.

*N.A. : Ese imiturire y'abaturage ba GIKONGORO hari icyo igabanura ku buryo bwanyu bwo gukora ?*

**R.V** : Imiterere y'amasambu n'imiturire ntibitureba muri za poroje zacu. Ariko navuga ko gutura mu midugudu byarushaho kutwegereza amajyambere. Imiturire itagaranye irushya mu kwegereza abantu ibikorwa no kubagezaho ibishoboka byose by'amajyambere, hatakarira byinshi mu mayira hagati y'urugo n'urundi.

*N.A. : Ubuhaname bw'imisozi ya GIKONGORO bubangamiye iki mu buhinzi ?*

**R.V.** : Kubera ubuhaname, ukurengera ubutaka birarushya, bigatwara amafaranga menshi, kandi hari ahantu hanini hasigara hadakoreshejwe kubera iyo mpamvu.

*N.A. : Ese ubuhinzi uwabureka agakora ikindi ?*

**R.V.** : Ntabwo ubuhinzi twabureka kuko uduce twinshi turera. Ahandi hashobora guterwa amashyamba.

*N.A. : Havuzwe cyane muri iyi myaka itwikwa ry'imisozi n'amashyamba, biterwa n'iki mu by'ukuri ?*

**R.V.** : Gutwika amashyamba biterwa n'impamvu nyinshi.: Ubusanzwe abari aborozi bashaka ubwatsi bw'inka. Ariko ahatwitswe hose biragaragara ko ataricyo cyari kigamijwe. Kuvuga ko ari abanyapolitiki bashya na MRND ibinyujije mu bategetsi nabyo sibyo nta gihamya ihari. Kugeza ubu mbese ni urujijo. Abafashwe bose bararekuwe. Hari aho twagiye dusanga umusozi ushya, nyiraho atagiye kuzimya. Nyamara kandi ikindi kizwi ni uko gutera ishyamba bitanga akazi. Abantu bakaba bayatwika bashaka uko bazayasubizaho babonye amafaranga. Ariko nabyo ntibisobanutse neza kuko n'ay'abantu bwite ashya.

*N.A. : Mukorana neza n'ubutegetsi bwa Perefegitura n'ubuyobozi bw'indi mirimo ?*

**R.V.** : Muri rusange tubanye neza n'ubutegetsi, usibye amakimbirane adahanitse cyane adushyamiranyije na Superefe wa MUNINI (BINIGA) uduteranya n'abaturage ngo ntacyo dukora, akabivug mugaragaro, mu manama. kora ntabwo bikabije, hazi n'utubazo tw'amash ukabona ko igihe kizagenda gabanura.

*N.A. : Iminsi iri imbere GIKONGORO uyibona ute ?*

**R.V.** : Muri rusa GIKONGORO ifite ibibazo byi

- ubutaka busharira k bukennye;
- ubukene bw'ingo butewe kubona ibyinjiza amafaranga (faibles revenus de la populati
- ubunebwe barega GIKONG sibwo, ni ibibazo byo gu bashonje badafite imbaraga gukora, n'abakoze bigata umusaruro muke bikabaca i ge;
- ibihe by'imvura byaradutetes je ku buryo twiraye. Ahand mvura igwa amezi 3 gusa mwaka wose, kandi bakeza hagije bibatunga. Twe rero bwo byumvikana kubona tu amezi menshi y'imvura ntid ganye, haba amezi 6 y'izuba gahagarara, induru tukay umunwa,
- ibyihutirwa ni amashyiraham y'ubuhinzi, kwibumbira ham bituma ibintu bigenda neza tu ba twashobora kubaha inyonge musaruro;
- ikindi kandi abaturage bose si inzara ibamereye nabi, udu twegereye ishyamba NYUNGWE ntacyo twari tu cyane !

...ubu ariko ni ngombwa gu ...shanyo aho bishoboka h



*Inzara irabamaze pe !*

# Inzibacyuho yaguye.

**Abanyarwanda ni ba nama ituzura.**

Amasezerano ya ARUSHA akimara gushyirwaho umukono na Perezida HABYARIMANA na Colonel Alegisi KANYARENGWE, bamwe mu banyamakuru bandi-se ko iyo ari intambwe ishimishi-je ariko ko ahasigaye ariho ha-komeye. Na Perezida wa FPR-INKOTANYI yarabivuze ubwo ya-giraga ati iyi ni intambwe imwe duteye tugana inzira y'amahoro. None iryavuzwe riratashye, aha-sigaye harabananiye ! Abanyarwanda babaye ba nama ituzura ! Buriya se bategereje ko abanyamahanga aribo bazaterura amahoro bakayatereka i RWANDA ? Nyamara se abaku-rambere ntibadusigiye umurage wo kuba inyangamugayo?



*Bazongera biyunge HABYALIMANA yumirwe*

**Abanyarwanda bakunda ima-nza**

Guverinoma ya NSENGIYA-REMYE ndetse n'iya UWILINGI-YIMANA zaranzwe na rwaserera ndende iturutse ku gahimano abaminisitiri 9 ba MRND bashyi-raga kuri bagenzi babo bo mu mashyaka yitwaga aya "opposition" ariyo MDR, PL na PSD. Ayo mashyaka yagize ingo-rane cyane ku buryo inshingano za Guverinoma y'Inzibacyuho zi-tagezweho. Ibyo byoroye abajura, bahugira mu gusahura Igihugu, ibifu barabyuzuza ubundi umuri-mo uba uwo ! Mu nshingano iyo Guverinoma yari ifite zose, icyo yashoboye kugeraho ni kimwe gusa aricyo cyo gusinya amaseze-rano y'amahoro. Naho kandi habaye ah'abagabo kuko imi-shyikirano yaranzwe n'amaki-mbirane n'imanza zidafite ishi-ngiro. Ahubwo iyo mishyikirano ijya kurangira, uwari Minisitiri w'Intebe, Dr Disimasi NSENGI-YAREMYE yaje kubirindurwa ku mpamvu zitarasobanurwa kugeza ubu. Ibyo byatumye muri MDR havuka amakimbirane yaje guca iryo shyaka mo ibice bibiri none ingaruka zabyo zikaba zigiye ku-dukoma hasi! Ibyo aribyo byose Guverinoma igiye gucyura igihe (niba iyaguye izabaho)! nta kintu kigaragara yakoze uretse ayo ma-sezerano yasinywe nayo akaba abuze uyashyira mu bikorwa ku-bera ingeso mbi abanyarwanda badukanye yo gukurura imanza, kabone n'iyo zaba nta shingiro zifite.

## BYANANIJE KANDI BIRACYANANIZA ABANYAMURAVA

Nk'uko twabivuze haruguru, ari guverinoma ya Docteur Dismas NSENGIYAREMYE n'iya Agata UWILINGIYIMANA kuba zitarageze ku nshingano zayo zose, byatewe n'itako ry'umutware MRND (ishyaka rya Perezida wa Repubulika) ryari rifi-te muri izo guverinoma zombi. Icya kabiri cy'abaminisitiri bose ni ab'iryo shyaka! Uretse imishyikirano ya ARUSHA batabashije kubona uko bahagarika, ibindi byose byageraga mu nama y'abaminisitiri, aba MRND bakabitambamira ntibishobore guhita. Aha twavuga nka rwaserera yabaye mu guhagarika cyangwa guhana abategetsi baregwaga ubwicanyi, ubujura n'ibindi byaha bikabije.

Urugerero rwa GATETE na KAJELIJELI rurahagije kugira ngo abantu bibuke iyo rwaserera. Twakwibutsa kandi ko HABYARIMANA yari yaranze amashyaka menshi akaza kuyemera ku kaburembe. Kuba yarabangamiye isangira ry'ubutegetsi rero ntawe byagombye gutangaza. No kubyerekeye inzibacyuho ryaguye ni kimwe. Amasezerano ya ARUSHA yambuye MRND ububasha yari yihariye. Ntabwo rero ishimishijwe no kubona umuyoboke wayo (Perezida wa Repubulika) ububasha amaranye imyaka 20 yose. Yaje no kunganirwa n'ibibazo biri mu mashyaka M.D.R. na P.L. ku buryo ahubwo ubu MUGENZI asa n'uwinjiye muri MRND!

**Ubu se inzibacyuho yaguye izaza ryari?**

Mu minsi ishize iyo babazaga abategetsi n'abanyapolitiki b'u RWANDA bati Guverinoma y'inzibacyuho yaguye izajyaho ryari, barasubizaga ngo bategere-je Ingabo z'Umuryango w'Abi-bumbye ndetse na "bataillon" ya FPR yo kurinda abategetsi b'uwo muryango bazajya mu nzibacyu-ho yaguye. None se ko izo ngabo zose zageze i KIGALI hasigaye iki

kandi? Nta kindi uretse za manza z'amahugu abanyarwanda bahoramo!

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga yigeze gutangaza ko inzego z'inzibacyuho zizajyaho kuwa 29 na 30 Ukuboza 1993, abantu batangira kwiruhutsa bati Imana ishimwe, abandi bati GASANA arabeshya biriya avuga ntibishoboka. Ntibyashobotse koko. Kuwa 30/12/1993 Minisitiri w'Intebe Agata UWILINGIYIMANA yahamagaye abanyamakuru ababwira ko inzego z'inzibacyuho zizajyaho ku bunani (1/1/94). Abanyarwanda barongera bariruhutsa kuko abenshi badasobanukiwe cyane n'amacenga ya politiki abera i KIGALI. Agata ubwo aba apanze gahunda, Perezidansi iba iyikubise ishoti. Intumwa za LONI ziri i KIGALI ziba zirumiwe kandi ku cyicaro cy'uwo muryango bari bategereje inkuru nziza iva i KIGALI. FPR yaje i KIGALI itaje muri konji nk'uko Perezida wayo yabivuze iba itangiye kwibaza icyayizanye.

**Intambara ya za gahunda hagati ya Primature na Prezidansi.**



*Yananiranywe na HABYALIMANA kuri za "Gahunda"*

Nyuma y'ubunani imitwe yarashyushye cyane mu banyapolitiki ku buryo ndetse FPR yo yashyize ahagaragara itangazo rivuga ko izihangana kugeza kuwa 8/1/1994. Abantu bati karabaye! Hagati aho ariko imishyikirano yarakomeje ku buryo kuwa 5/1/94 ibintu byari bigiye kugenda neza iyo intambara ya gahunda za Agata na HABYARIMANA itaza kuvuka. Mu by'ukuri ibyo HABYARIMANA na UWILINGIYIMANA bakoreye abanyarwanda ntibyumvikana. Gahunda yo kuwa 5/1/94 ijya gutangwa, abanyarwanda bari bamenyeshejwe ko Minisitiri w'Intebe na perezida wa repubulika bumvikanye kuri gahunda y'uwo munsi. Agata agatangaza gahunda no muri Perezidansi hagaturuka indi itandukanye n'iyo abantu bari bumvise! Ingaruka z'iyo ntambara ya za gahunda mwese mwarayumvise, HABYARIMANA yamaze kurahira, afata akajambo gatoya ati mbashimiye kuba mwigomwe imirimo yanyu mukaza hano, ati rero mukomeze kwihangana mwongere mugaruke isaa cyenda mu muhango w'irahira ry'abadepite. Ati nimube mwiriwe! Abantu benshi bari aho bararebana, bati biriya kiriya KINANI gikoze ni ibiki ra? Ubwo mu kanya Kakurikiyeho, amashyaka MDR TAGIRAMUNGU, PL Lando, PSD na PDC NAYINZIRA barateranye bakora itangazo risaba abadepite bayo kutitabira iryo rahira. Byose ubwo byahise bisubira ibubisi.

**Birapfira ku mahugu ari muri PL na MDR.**

Ibibazo bituma inzego z'inzibacyuho zitajyaho nk'uko ziteganywa n'amasezerano ya ARUSHA biherereye mu mashyaka PL na MDR. Mu by'ukuri buri wese mu banyapolitiki arabizi uretse ko babyirengagiza babishaka! Ninde se uyobewe ko mbere y'uko muri Parti Libéral bashwana bariya badepite bita aba Lando bari baratowe! Ndetse na Perezida w'iryo shyaka, Bwana Yusitini MUGENZI ari mu batoresheje abo badepite! Niba ishyaka ryarashwanyutse nyuma, ntabwo byumvikana ko abo badepite bavutswa uburenganzira bwabo! MUGENZI Yusitini n'abamushyigikiye bo ngo basanga abo badepite baramaze gutorwa bakigomeka kw'ishyaka naryo (Kongre yayobowe na MUGENZI) rikabambura ubutumwa bwo kurihagararira mu nteko ishinga amategeko y'inzibacyuho. Ariko igice cya Lando n'abagishyigikiye basanga iyo atari impamvu yatuma abo badepite batarahira bazira gusa ubwoko bwabo. Koko rero ntabwo umuntu azajya avutswa uburenganzira bwe ngo ni uko ari ubwoko ubu n'ubu! Ikindi ni uko ari Kongere ya MUGENZI ari n'iya Lando nta n'imwe yemewe! Reka kandi zoye kwemerwa kuko Lando si ishyaka, na MUGENZI si ishyaka. Kuvuga rero PL Lando, PL MUGENZI dusanga nta njyana yabyo. Ayo makongre ataremewe yatumye Lando agaruka ku mwanya we wa Visi-Perezida wa mbere wa PL, bityo akaba yemera ko MUGENZI ari Perezida wa PL ! Ubwo yakinnye "nabi" atyo rero niyemere yicarane na MUGENZI yongere amwumvishe ko bariya badepite bita aba Lando ari aba Parti Libéral atari ab'umuntu! Nibatabyumvikanaho barebe icyo bakumvikanaho kindi ariko bakure induru mu gihugu cyangwa beguke imyanya yabo igabagabanywe na FPR, MRND, MDR, PSD na PDC ariko amahoro ahinde.

**Ikibazo jye nkibona mu ishyaka MDR.**

Ishyaka MDR ryitabiriye imishyikirano ya ARUSHA ndetse umuyoboke w'iryo shyaka niwe wayiyoboye n'ubwo yari ahagarariye Guverinoma y'u rwanda bwose. Amasezerano yashyizweho umukono yageneye ishyaka MDR umwanya wa Minisitiri w'Intebe w'inzibacyuho yaguye, arigenera Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, iy'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane n'iy'Itangazamakuru. Ayo masezerano avuga ko amashyaka atanga abaminisitiri n'abadepite bazajya mu nzibacyuho yaguye. Ni ukuvuga ko abo bategetsi badatangwa n'umuntu ahubwo batangwa n'ishyaka nyine. Muri MDR harimo inzego z'ubuyobozi

bw'iryo shyaka, akaba rero arizo zigomba gutanga abo baminisitiri.

Urwa mbere ni Komite-Nyobozi igizwe n'abantu bane :

- Perezida
- Visi-Perezida wa mbere
- Visi-Perezida wa kabiri
- Umunyamabanga Mukuru.

Urwa kabiri ni biro politiki n'aho urwa gatatu ari narwo rwa kaminuza rukaba Kongre y'ishyaka mu rwego rw'Igihugu. Bityo rero minisitiri w'Intebe w'Inzibacyuho yaguye, Bwana TWAGIRAMUNGU Fawustini agomba kwemeza ibyo izo nzego zimugejejeho kuko nawe azirimo zose kuko atemera ko yirukanywe mu ishyaka na Kongre yo ku KABUSUNZU yateranye kuva 23 na 24 Nyakanga 1993. Icyakora kubera ko Minisitiri w'Intebe afite uburenganzira bwo kutemera umukandida uyu n'uyu, TWAGIRAMUNGU nabona ubusembwa ku mu minisitiri uyu n'uyu wa MDR azabivuga asabe ishyaka rimusimbuze undi.

Kuko nibiramuka bizurungutanye nko muri PL, ntabwo inzego z'inzibacyuho zizapfa zigiyeho. None se inzibacyuho ikomoka ku masezerano ya ARUSHA itarimo MDR yaba iteye ite? yakora ite? Keretse ayo masezerano asubiwemo. Ndasanga rero TWAGIRAMUNGU agomba kwemera abaminisitiri ahabwa n'inzego z'ishyaka kuko zitigeze ziseswa. Naho Lando wongeye kuba Visi-Perezida wa mbere wa MUGENZI azamusabe bumvikane n'ubwo ku giti cyanjye nsanga bariya badepite bita aba lando ari aba PL cyane cyane ko Kongre zombi nta n'imwe yashoboye kwemerwa.

**Ninajyaho, iyo Guverinoma izaba ifite ingorane.**

Ingorane nyinshi zishingiye ku bantu, nyamara aribo bagombaga kwishimira iyo Guverinoma! Abo bantu si abandi ni abanyarwanda.

Intumwa za LONI ziri mu Rwanda zifuzaga ko iyo Guverinoma yageza kuwa 5/1/94 yagiyeho kuko aribwo uwo muryango



*HABYALIMANA arasinya "ibipapuro byafindafindiwe ARUSHA"*

wagombaga kureba aho ishyirwaho ry'inzego z'inzibacyuho rigeze. Ni ukuvuga ko iyo bigeza icyo gihe izo nzego zaragiyeho intumwa za LONI mu Rwanda (MINUAR) zari kuhabonera inota ! Niyo mpamvu abanyarwanda bagomba gukora ibishoboka byose ishema rya LONI rigakomoka ku ry'abanyarwanda. Ntacyo byaba bimaze MINUAR ibonye amanota twe tukabura amahoro ! Niyo mpamvu abarwanya Guverinoma itaranajyaho bagombye gushyira imbere imibereho y'abanyarwanda. Hari abantu bakomeje kwemeza ko ndetse itazanajyaho, ngo ninajyaho ntizamara amezi abiri ikora ! Twizere ko ibyo byifuzo byabo bitazajya mu bikorwa. Ariko kugira ngo izo ngorane zibe nke, ni ngombwa ko iyo Guverinoma yajyibwamo n'abantu bumvikanyweho bakagenda bagiye gufatanya aho guhangana.

**Hari n'abanga INKOTANYI urunuka.**

Iyo umuntu ageze mu tubari tumwe na tumwe cyangwa mu matagisi na otobisi, yumva INKOTANYI zifite abanzi. Abo banzi ariko nsanga ari abantu bamwe, bakomoka ahantu hamwe ndetse no mu mashyaka atarenze abiri. Hari umwe muri bo uherutse kwihandagaza ati : "izo nkotanyi nizize tuzereke". Tuributsa abo bantu ko INKOTANYI ari abanyarwanda kandi bafite uburenganzira bwo kuba mu gihugu cyabo kabone n'ubwo hari abo bitashimisha. Nyamara ntawe bitagomba gushimisha kuko ntawe ufite uburenganzira bwo guca undi mu gihugu cye.

**Icyo duteze kuri Guverinoma yaguye niramuka igiyeho.**

Icya mbere abanyarwanda bateze kuri Guverinoma y'inzibacyuho yaguye ni umutekano n'amahoro. Yatinda yabanguka, guverinoma itegerejwe igomba kwita mbere na mbere k'umutekano n'amahoro by'abanyarwanda. Nibiyinanira kandi izegure kuko ibyo gukomeza guhanyanyaza rubanda rushira ntacyo bimaze. Ngo haba hari abantu bitoza ibya gisirikare kandi ari abasivili. Ngo baba bakomoka muri amwe mu mashyaka ya politiki akorera mu Rwanda. Abo "barwanashyaka" rero icyo bagamije kirumvikana. Ni ukubuza abanyarwanda amahoro nta kindi. Guverinoma y'inzibacyuho yaguye rero irabe yiteguye guhashya abo bagizi ba nabi. Ikindi gitegerejwe kuri iyo guverinoma ni ugusubiza abantu mu byabo, ari ababivanywemo n'intambara cyangwa imvururu. Ntacyo iyo guverinoma yaba imaze mu gihe mu gihugu hari

abanyarwanda bamerewe nabi muri za bulende. Ntizibagirwe kandi n'abamugajwe n'intambara, imfubyi n'abapfakazi bayo.

Ikindi kitoroheye abanyarwanda ni iyi nzara ije guhuhura ubukungu bwari busanzwe bwarazahaye bikabije. Bamwe mu banyapolitiki bashyize imbere inda zabo bamenye ko na rubanda ikeneye amafunguro. Nibatita kuri icyo kibazo bazareba akabo n'abashonji.

Ikindi kintu cy'ingenzi abanyarwanda bategereje ni ukurindwa ivangura ry'amoko ryongeye kubyutsa umutwe. Nko mu ishyaka PL, iriya rwaserera irimo nta kindi ishingiyeho uretse ivangura ry'amoko ryadutse muri iryo shyaka. Wavuga Lando, aho kumva umuyoboke wa PL, abantu bakumva umututsi, wavuga MUGENZI abantu bakumva umuhutu ! HABYARIMANA nawe ngo arashaka abahutu bazamufasha guhangana n'INKOTANYI, ari mu nteko Ishinga amategeko, ari no muri guverinoma.

Bagiye guhangana se cyangwa bagiye gushyira amasezerano mu bikorwa. Muri MDR naho, iyo abantu bavuze bati "PAWA", abantu bahita bumva abahutu ! None se TWAGIRAMUNGU, UWILINGIYIMANA, MBONIMPA, RUCOGOZA, NDAHAYO, NDASHIMYE n'abandi si abahutu ? Ariko bo si abatutsi ahubwo ni Abalunari. Abalunari bakomoka kuri PARMEHUTU ? Karabaye ! Muri PSD naho utubazo nk'utwo turimo.

Ibyo bintu byo kwita abantu abatutsi ari abahutu ni amayeri yakoreshejwe cyane mu gihe cya MRND bashaka kwigizayo ababangamiiye mu myanya y 'ubutegetsi cyane cyane iyo babaga baturuka mu majyepfo. None muri MDR iyo ndwara niramuka ijemo tuzamenya abayizanye. Kuyimira bunguri rero ntacyo waba ukosoye. Muribuka mwese ibinyamakuru bya MRND bijya gushakisha indangamuntu z'abantu nka TWAGIRAMUNGU kuko benshi batari bamuzi, bagamije no kubuza abantu kujya muri MDR ngo aha itegekwa n'abatutsi. Ibyo bintu ntibikorwa ino gusa kandi, no mu bihugu by'Afurika kenshi uwo banga bamwitirira ubwoko butari ubwe, bwanzwe cyane.

Ibyo aribyo byose muri iki gihe tugezemo ibintu by'ivangura ry'amoko byaratsinzwe. Guverinoma y'inzibacyuho yaguye izaba ihuriwemo n'abahutu n'abatutsi izakore ibishoboka byose abanyarwanda bibereye mu makomini hirya no hino bazarindwe ivangura ry'amoko abanyapolitiki bitwaza ngo bironkere. Umuhutu amenye ko ariwe kandi abyemere areke kugambanira abandi bahutu, umututsi nawe bibe uko. Nibiba ngombwa na ya RUKOKOMA izabeho ariko abanyarwanda bagire amahoro. Ibihe turimo by'inzara, macinya, mugiga, marariya, sida n'ibindi bibi byose ntibitwemerera gusubira mu ntambara y'amoko n'amasasu. Twifurije Guverinoma y'inzibacyuho yaguye imirimo myiza tuyisaba kuzadutegurira amatora adafifitse. Uzitwara nabi nta jwi rya rubanda azabona.

MURERAMANZI Néhemie.

## "INAMA NKURU Y'UBUCAMANZA YARATERANYE"

Kuwa 24/1/94 ya ngirwa nama nkuru y'ubucamanza yarateranye ngo isuzuma amwe mu madosiye yihutirwa mu rwego rw'ubucamanza arimo nay'abacamanza ubwabo. Twibutse ko iyo nama yagiyeho mu buryo butemewe n'amategeko nkuko byagaragajwe na Perezida w'urukiko rurinda ubusugire bw'itegeko-nshinga. Muribuka igihe HABYARIMANA akoranya abantu be (abacamanza) ati nimutore ubuyobozi bw'inama nkuru y'ubucamanza. Nibwo hatorwaga ba MUKAMA, ba MUKANGANGO Auréa n'abandi. Abantu bakomoka mu karere kamwe kandi babogamye biteye isoni. Icyo gihe abaturage bo mu mashyaka ya M.D.R., P.S.D., P.L., na P.D.C., atarazamo rwaserera bamaganiye kure iyo ngirwa nama nkuru y'ubucamanza, bunganirwa na Perezida w'Urukiko rurinda ubusugire bw'itegeko-nshinga. Impamvu yabiteye ntayindi ni uko uwari Minisitiri w'Ubutabera Bwana MBONAMPEKA Stanislas yari yareguye kandi ariwe wagombaga gutumiza iyo nama.

Mu bayamaganiye kure kandi harimo na Minisitiri w'Ubutabera uriho ubu Madamu NTAMABYARIRO Agnès. Byaba biteye isoni aramutse yemeye noneho kiriya kinyoma cyo kuwa 24/1/1994! Ngo bazayisubukura kuwa 7.2.1994 ngo babirindure KAVARUGANDA. Irimo kandi ubutiriganya buteye isoni, kuko hari bamwe bayihezwamo. N'ubwo KAVARUGANDA yaba afite amakosa, agomba guhagarikwa n'urwego rubifitiye ububasha atari biriya MUKAMA afindafinda !

Abanyarwanda tugomba kumenyera kwamagana amahano ayo ariyo yose, n'uyakoze uwo ari we wese. Nibyo bizatugeza kuri demokarasi duhirimbanira.

M.N.

## BARASHAKA INTAMBARA MU MURWA MUKURU.

Kuva aho za NKOTANYI magana atandatu zigereye i KIGALI, hagiye hagaragara utuntu two gushotorana hagati yazo na bamwe mu baturage batuye mu murwa mukuru cyane cyane abaturanye nazo ku KIMIHURURA na REMERA. Radiyo R.T.L.M. yigeze gutangaza ngo ko INKOTANYI zishe umuntu i KIGALI ariko kugeza ubu nta gihamya iraboneka. Kuwa 26/1/1994 mbere ya saa6 INKOTANYI ngo zaba zarashe mu kirere zitabara kubera abaturage bazitangiriye mu mayira i REMERA bavuye kuri MINUAR aho bari basize umutegetsi wa FPR mu nama. Na Koloneli KARAKE KARENZI nawe ngo bamutangiriye mu nzira INKOTANYI zirasa mu kirere haza no kugoboka abahajandarume bahosha iyo rwaserera.

Hari abemeza ko abo baturage ari INTERAHAMWE za M.R.N.D. Abaturage batangiye guhunga ingo zabo ngo intambara y'INTERAHAMWE n'INKOTANYI itabageraho. Ibyo ari byo byose, abo bantu abo ari bo bose nta mahoro bashakira KIGALI y'umujyi. Abarebwa n'umutekano wa rubanda bose bari bakwiye guhagurukira icyo kibazo kuko ubwo bushotoranyi bushobora kutubyarira imbwa yiruka.

La Rédaction.

# M.D.R. : ISHYAKA RYA RUBANDA RUGUFI RIZIZE IKI?

Kuri iyi si hariho ubuhanga bwinshi, bumwe buhanitse ubundi buciriritse. Hari icyo nabonye muri iki gihe cyagiriye abantu bamwe akamaro, abandi kirabazambya. Ni Iyamamazamatwara (propagande). M.D.R. yazize kubura iyamamazamatwara rihamye ryatumye ba Rutemayeze bayinjiramo baraheregeta basiga ibimanyu n'ibishingwe.

Birababaje kubona ukuntu abantu bitanze batizigamye wajya kumva ukumva kubera inyungu n'irari rya bamwe bakwije amazina ngo bamwe ni pawa, rupahu, ruhu rw'inda, gifu, ijyojyi, lunari n'ibindi biteye iseseme hejuru y'amafaranga, igihe n'ibintu byatakaye muri mitingi mu bigomwe byinshi. Nta bujura buruta ubwo.

Iperereza n'igenzura rikaze riragaragaza ko hakoze ibintu byinshi mu gusenya M.D.R.

- intekerezo n'amahame remezo ya M.D.R. Parmehutu bitumvikanyweho neza mu ivugurura kubera impamvu zinyuranye ;
- kuba M.R.N.D. na F.P.R. byaratanze andi mashyaka kwitegura bityo M.D.R. yaza igasanga barayiteze imitego;
- politiki ishingiye ku ivangura karere yari imaze iminsi ndetse n'ubu ikaba igikorana ingufu abantu benshi batabona;
- uguteshuka no gutandukira kw'abantu bagiye muri politiki vuba bakeka ko barimo gukorana n'abantu beza kandi ari ibirura;
- amahano (crimes) akomeye muri politiki no mu bukungu byatumye igihugu gicungwa nabi, none rubanda rugufi ikagomba guhezwa mu bujiji hakoreshejwe iyamamazamatwara rikaze cyane ryerekana udukosa duto ibigugu ntibigaragare.

## I. MDR PARMEHUTU yari programu ubwayo.

Nkuko bigaragara cyane muri za "manifeste-programmes" ebyiri za mbere zo muri 1959 na 1961, Parmehutu yari ifite amahame ahambaye, harimo ibitekerezo byinshi byiza. Gusa ikigaragara cyane mu mibanire y'amoko ni uko urwango rushingiye ku bwoko rwafashe intera rurinda iyo rugera mu mibanire y'uturere. Kugira ngo tumwe twiganze tukita utundi ko dutuwe n'abatutsi, bityo tukaduhakisha igitugu cyihishe.

Ubumwe bw'abahutu bwaharanirwaga bumirwa n'inzangano z'abantu ku giti cyabo kubera kutamenya gusangira. Iyo programu yari nziza ariko yari igoranye kubera ko nta bantu bari bahari bo kuyishyira mu bikorwa. Abize bari bake kandi bagasarangahya bike by'igihugu byasabaga ubwitange n'urukundo ruhagije. Kamere muntu igizwe n'irari ryo kwikunda ntiyatumye uturere twinshi dutuwe n'abahutu twumvikana. Byari kuza gushoboka iyaba mbere y'uko abatutsi bategeka utwo turere twari tugize igihugu kimwe.

Siko byari bimeze rero, ku buryo muri uko gushakisha ubumwe hajemo akaduruvayo. Buri wese ashaka kujya imbere y'abandi n'akarere ke. Kuri jye rero mbona nta kibazo byari biteye gushaka ubumwe bose baharaniraga, nyamara ntabwo byari gushoboka hatari abagabo b'inyanga-mugayo badakunda ibifu byabo kurusha abandi, kandi abatutsi baraho barekereje. Uburiganya bushingiye ku kubona ikibazo cy'abatutsi cyatumye bibeshya politiki mu ngabo z'igihugu, akarere kamwe gahinduka aho bavoma ingabo, akandi kari kiganjwemo n'abakozi ba Leta mbirigi bafata inzira y'ibiro. Amakimbirane rero ashingiye ko buri wese ashaka amaboko cyane cyane ahereye iwabo, ashaka kuba umuhutu wa mbere, byiswe amatiku n'inzangano. Ni ikibazo ndetse cyakunze kugonga Afurika y'abirabura nyuma y'ubwigenge.

Ubugambanyi ntibwari kubura cyane mu gihugu gikennye. Mu kuvugurura MDR PARMEHUTU ntabwo rero bigeze biga neza icyatumye ivanwaho ngo bakirinde. Abari bashishikajwe no guhunga M.R.N.D. bumvise ishyaka ryabo rigarutse ntibigeze bamenya kwiyunga. Abana b'abari barataye umurongo, bahura n'abana b'abari bawubatesheje, bose bongera guhurura kandi hari ikosa rimwe ritigeze rikosorwa cyangwa ngo ryumvikanyweho : ubugambanyi bwatumye abakuru ba M.D.R. Parmehutu bamwe bata umurongo, bagashyigikira iyicwa rya KAYIBANDA. Ababirebera kure basanga bidakomeye cyane. Nyamara iyo witegereje neza ni ishingiro kuko bose bemeza ko KAYIBANDA icyo kibazo cy'ubumwe bw'abahutu yacyitwayemo neza ahubwo abandi bakamuhemukira bitwaje igabana n'isangira ry'ubutegetsi n'ibiryo byari bitangiye kuboneka. Abo mu majyaruguru bashakishaga amayeri n'uburyo bwo kumuritura bitwaje ko mu NDUGA nta bahutu bizewe babayo.

Na n'ubu akenshi iyo bavugana n'abo mu majyepfo biba ari ugushaka amaboko, atari uko babemeraho ko ari abahutu bashobora gutegeka gihutu. Ikibazo cy'amoko kibitambika hagati, ku buryo bamwe bagenda bahema abandi. Abo mu majyepfo, iyo ubijeje ko uzabaha imyanya bakurondorera bene wabo bashaka gucisha umutwe ngo hato batazabasumba. Ubwo bugambanyi buragaragara cyane noneho abo mu majyaruguru bakabwitwaza bakanabukoresha mu kugonganisha abo mu majyepfo. Amabwire n'inda nini bituma hakomeza kuba ba nyamwigendaho benshi bo mu majyepfo batatuma haba ubumwe nyakuri, bityo bikototera igihugu cyose. Abumva ubukana bw'icyo kibazo ni bake cyane, bigatuma haba ubwizerane bucye n'impungenge zikaba zose. Ubugambanyi busimbuwe no gushishoza kw'abo mu majyepfo igihugu cyagira amahoro urugomo rugacika.

## II. M.R.N.D. na F.P.R. byariteguye.

"Qui contrôle le militaire contrôle la politique. Toute velléité diplomatique est considérée comme une faiblesse qui frise la trahison". Abumva igifaransa ubwo barangije kumva icyo nshaka kuvuga. Ngenekereje navuga nti : "Ufite abasirikari mu ruhande rwe niwe ushobora politiki. Gushaka ubwumvikane binyuze mu mishyikirano biba byerekana ingufu nke byarimba bikitwa ubugambanyi".

### A. IMYIFATIRE YA F.P.R.

Mu nyandiko yasohotse mu ki-

nyamakuru Politique Africaine No 51 mu kwezi kwa cumi 1993, umushakashatsi witwa G. Prunier arerekana neza ukuntu F.P.R. (mu by'ukuri yasimbuye UNAR, RANU mu cyongereza) yiteguye mu buryo na Leta y'u Rwanda yari ibizi. Nubwo atinjira cyane muri porogaramu yayo, ariko biragaragara ko UNAR ivuguruye ariyo F.P.R. yari ifite amaserire 36 agizwe n'abantu bayikorera mu Rwanda b'abahutu n'abatutsi, biganje mu bakozi ba Leta cyane cyane. Birinze kujya mu giturage kuko ntacyo byari gutanga.

Umubare bakoresheje rero ni uwo uko bakurikiranye ibibazo byose u Rwanda rufite, bakabigenzurira hafi. Byari byoroshye kubera abakozi b'ingezi zose. Ntabwo rero bavuze gusa ikibazo cy'impunzi zaheze hanze kubera politiki mbi, ahubwo banarebye n'abandi bose. Ni muri urwo rwego, turebye ibigaragara cyane, biyegereje KANYARENGWE w'impunzi (y'amahoro!) bafunguza ba LIZINDE. Ibinyamakuru byabo bivuga cyane ibyerekeranye n'urupfu rwa KAYIBANDA na bagenzi be b'i Gitarama, bavuga abatutsi barenganye bakorerwa irondakoko, bavuga inyereza ry'umutungo w'igihugu, bavuga iby'amateka yigishijwe nabi.

Iryo cengeza-matwara rigaragara ubu ariko ritandukanye cyane n'imyiteguro ndetse n'inyandiko zasohokaga mu binyamakuru by'impunzi. Icyo nashoboye kubona ni "IMPURUZA" cyerekana ukuntu impunzi zibona ibibazo by'u Rwanda. Hagaragara ukuntu abakozi bo mu biro bikuru by'ipererereza bahohoteraga abakobwa b'impunzi cyangwa b'abatutsikazi babaga babaguye mu nzara.

Ikindi kigaragara n'uko mu by'ukuri impunzi zatekerezaga cyane gutaha bubi na bwiza. Muri urwo rwego hari aho bagera bati : ubu se tuzategereza kugeza ryari ko batwemerera gutaha niba ibibera mu Rwanda ari uko ubutegetsi buriho bushingiye ko buzajya buva i Gitarama, bukajya ku Gisenyi ejo mu Ruhengeri bityo bityo ! Iyi nteruro yakoze akantu muri M.D.R. ubwo babonaga ko hari abarimo gushyira mu bikorwa imigambi y'Inkotanyi bashingiye ko ubutegetsi butava ku Gisenyi ngo busubire i Gitarama cyangwa ngo bujye mu Ruhengeri, cyane cyane hakurikijwe ivangura turere ryari ryeze mu Rwanda. Ndetse nta n'icyo abavuka aho berekana usibye ko ngo ari amaperefegitura afite abantu benshi gusa. Sinanga umuntu uturuka aho wavuga ikintu kigaragara gishobora gushyirwa mu bikorwa kikarengera u Rwanda rugeze ahaga ariko kwitwaza gusa ko uri uwaho, ko ushyigikiwe, byonyine ntibihagije.

Impamvu ndayivuga ni ukubera iyo nteruro iri mu kinyamakuru "IMPURUZA" cy'impunzi cyandikirwa muri Amerika, abashakaga kwerekana ko bafite ingufu bitwaje bagafata abandi ko bakorera Inkotanyi bakoresheje ubuhanga bwo kugerekeranya amagambo kandi batabona ko birimo kubasenyera ishyaka.

Mu myiteguro ya F.P.R. rero harimo n'imirwano. Babonye uburyo mu ntambara y'u Bugande hagati ya MUSEVENI na OBOTE, ubwo abana b'"ibirara" bitabiriye ishyamba mu ruhande rwa MUSEVENI. Ndetse bakagenda bangira batanafite n'ůmugambi wo gutera u Rwanda nkuko Prunier abivuga. Buhoro buhoro, ba Rutaremara n'abandi baje gutekereza muri Kongere ya RANU i Kampala gukoma ingasire. Batangira imyiteguro ya gisirikari ari nako binjira cyane mu ngabo za Uganda mu nzego zo hejuru. Izindi mpunzi zigenda zijya i Bugande zivuga ngo "noneho ubwo dufite ubutegetsi dushobora kujyayo". Nyamara abaganda benshi ntibishimiye ikundwakaza ry'abanyarwanda muri NRM ya MUSEVENI (ishyaka rye), bari bamaze kuyoboka ari benshi barwanya abantu bo mu majyaruguru kwa OBOTE na IDI AMIN bari barakandamije guhera muri 1966.

Abanyarwanda bumva bongeye gutotezwa kandi bari bazi ko neneho bagiye kubona ubwene-gihugu bw'u Bugande kubera MUSEVENI bafashije. Nibwo batangiye gutekereza gutaha noneho kurushaho, bakanabivuga, ku buryo abanyarwanda banyuraga i Bugande bose babibabwiraga. Ngo bo bagakeka ko ari amaringoshyo y'abatutsi asanzwe.

Ariko mu by'ukuri imyiteguro yarakomezaga ku buryo bamwe mu bashyuha cyane bateye mu Mutara muri 1989 ari makumyabiri n'umunani (28) bagamije gutangira intambara ya guerilla (ishyamba). Kubera ko ba RWIGEMA batari babizi ndetse bataritegura neza, baza kubakura muri Pariki y'Akagera ku ngufu ("manu militari"). Icyo gihe ngo guverinoma y'u Rwanda yarabimenye bajya kugirana imishyikirano na Leta ya Uganda.

Prunier akomeza agira ati Museveni yarebanaga agasuzuguro kenshi HABYARIMANA kubera ko bafite politiki zitandukanye, amubona mo umuswa. HABYARIMANA we, uhora ashaka kugira isura nziza ye wenyine, yumvaga ngo ikibazo cy'impunzi cyarangizwa n'uko zigiye zitahuka buhoro buhoro ariko ubutegetsi bwe n'uburyo bwabwo bidahungabanye. Aha mu by'ukuri umuntu arabona ugusuzugura ibibazo ubyita ko byoroshye. None se yamenye ate ko hari abarakaye atavuganye nabo. We yivuganira n'abakuru b'ibihugu n'abandi bari ahagaragara, rubanda rufite ibibazo akaruhungira kure cyangwa akavugana narwo ari ukwiyerurutsa. Biri muri bimwe bimuranga, ndetse biranga ubuzima bwe bwose. Aheza gusa abandi ahabi ! Byamara gukomera ngo sinabimenye!

"Kuri icyo kibazo cya F.P.R. n'imyiteguro yayo rero biragaragara ko Leta y'u Rwanda yari izi imyiteguro, ariko kubera ko "nta gihe inyenzi zitateye" ikibazo kigafatwa nkaho kidakomeye. Ubundi iyo M.D.R. yari ishyaka ryiyubaha ryarega Leta y'u Rwanda hakurikijwe manifeste progaramu numero ya kabiri yo muri 1961. Iyo bamwe birirwa baririmbango abandi ni "abagambanyi, ngo batanze igihugu", hakabura ababasubiza ko "uwibye ubutegetsi, agasuzugura rubanda n'ibibazo byarwo, ndetse agakurura n'ikibazo cy'amoko mu gihugu yagombye guhanwa hakurikijwe intego n'imigambi nabyo byibwe" njye baransetsa.

Ubutaha tuzabagezaho imyiteguro ya M.R.N.D. n'ibikorwa by'abasirikari n'abasiviri bafite umugambi wo "gutegeka imyaka 300 nkuko abanyiginya bategetse imyaka 400".

Umuntu atagombye kwanzura ubungubu, yaba avuzeko mu myiteguro ya M.R.N.D. ikurikije imyiteguro ya F.P.R. bavanze uburyo bwa gisirikari n'ubw'ubutegetsi bushingiye ku mpuha n'ibinyoma (campagne de désinformation) bavomye mu bihugu by'iburasirazuba ndetse no muri sinema zerekeye mafia n'izindi z'abafaransa cyane cyane iyitwa "Z". Muri

Suite Page 13.

# BURUNDI : BAMWE MU BATUTSI BARACYARI INYUMA NK'IKOTE

Mu gihugu cy'abaturanyi cy'i Burundi haracyarangwamo ubujiji muri demokarasi no mu mibanire n'amahanga. Muri icyo gihugu cyari cyabaye intangarugero muri Afurika mu rwego rwa demokarasi ishingiye ku mashyaka menshi, hakomeje kubera amarorerwa akorwa na bamwe mu batutsi bigize ibisare.

Byatangiriye kuri Nyakubahwa Melkiyoro NDADAYE wagandaguwe n'abasirikari b'abatutsi ngo batashakaga gutegekwa n'umuhutu. Nyarama ikibabaje ni uko ngo muri icyo gihugu nta bwoko buba mu karangamuntu ndetse no mu zindi mpapuro zose zisabwa n'ubutegetsi. Umuntu akibaza uko bamenya umututsi n'umuhutu iyo bagiye kugandagurana ! Biriya mu kinyarwanda tubyita kucyatsa.

Bamwe mu batutsi b'i BURUNDI rero bakomeje kugereka amahano ku yandi. Igihe iby'urupfu rwa NDADAYE bitaribagirana, bigabije ambasade y'u Rwanda i Bujumbura baramenaguye ! Ubwo hari kuwa 12\1\1994. Biyibagije ko buriya ari u Rwanda bateye ? Ni ukuvuga se ko bashaka intambara hagati y'u Rwanda n'u Burundi ? U Rwanda ngo bararuziza HABYARIMANA kuko ngo ashyigikiye 'intwaro nshasha'yashyizweho na demokarasi isesuye mu BURUNDI ! N'ubufaransa barabuteye ! Ntawamenya ingufu bizeye zarwana n'u Rwanda n'ubufaransa aho zishingiye. Mu by'ukuri aho batutsi b'amafuti barasebya u BURUNDI. Amahirwe ni uko ari bacye cyane, bityo bikaba bitakwitirirwa abatutsi bose bo mu BURUNDI zamaganye ayo mahano.

**HAGATI AHO BABONYE PEREZIDA MUSHYA.**

Ni NTARYAMIRA Sipiriyani wahoze ari Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi muri guverinoma ya Siliviya KINIGI. Abamuzi bamubonamo ubwitonzi, ubwenge n'ubushishozi nk'ubwa nyakwigendera Melikiyoro NDADAYE asimbuye ku buyobozi bukuru bw'u BURUNDI. Bariya batutsi bajya gutera rwaserera mu BURUNDI ngo bashakaga kubuza inteko ishinga amategeko guterana ngo itore Perezida w'Igihugu mushya. Hagati aho kandi ngo mu KAMENGE mu mugi wa BUJUMBURA ingabo zimwe zari zatangiye guhangana n'aba FRODEBU benshi bahatuye. Ubwo wasanga nabo bapfa iby'amoko ngo ataba mu BURUNDI ariko bajya kwicana agahita yigaragaza ! Twifurije NTARYAMIRA imirimo myiza cyane cyane iyo kugarura ubumwe mu barundi bwakomeje kuba inzozi gusa.

*La Rédaction.*

---

*Suite de la Page 12*

iyi sinema niho hari uburyo bwo gukora urwanya abo mutavuga rumwe ukoresheje abantu baturutse mu turere batazi. Harimo no kwica no gukoresha itangazamakuru. Iyo urebye, usanga biriya biri muri M.D.R. byo gutukana no kwandagaza abakuru baryo bifite imvano muri za tekiniki zihanitse zo gusenya abandi. Abanyamakuru badakunda igihugu, babogamiye ku ishyaka cyangwa ku muntu cyangwa ku bwoko bakarangiza ibisigaye cyane cyane iyo harimo amafaranga.

Isesengura ryacu rizakomeza ubutaha kandi turizera ko M.D.R. igenda ifata isomo rizayikiza.

BITWIBITUMVIRABAMI. **N.A.**

---

## TOYOTA HIACE YABA IGIYE KUGABANURA IGICIRO.

Kugeza magingo aya isosiyete yitwa la RWANDAISE niyo yonyine yacuruzaga imodoka za Toyota zogeye mu Rwanda hose. Ibyo byatumye igenda yongera ibiciro uko yishakiye. Imodoka ya Minibisi (Toyota Hiace) ubu igeze muri 6.000.000 (miriyoni esheshatu) ushyizemo n'ibyangombwa.

Kuva aho haziye TOPIC igura hafi miriyoni eshatu n'igice (3.500.000) ndetse hakaba n'inkuru zivuga ko imodoka ahandi zigura make, abantu benshi, barimo APROTAM (umuryango uhuza abatunze imodoka z'amatagisi minibisi) batekereje, baranavuga ko banyura ku ruhande isosiyete La RWANDAISE, bagatumiza amamodoka.

La RWANDAISE ibyumvise yatumye muri TOYODA (Japon) baza kureba uko ikibazo giteye. Ngo baba baremeye cyangwa bafite umugambi wo kugabanura ibiciro kugirango bahangane n'abacuruzi bashya. Byaba byiza bibaye.

N.A.

---

**Dukeneye inama zanyu zubaka.**
**Nimuzitwohererereze kuri B.P. 2221 KIGALI.**
**Ntimwibagirwe n'ifatabuguzi no kwamamaza ibikorwa byanyu mu kinyamakuru kigezweho.**

# ISANDUKU Y'UKUZIGAMA Y'U RWANDA : Abakozi bararira ayo kwarika

Isanduku y'Ukuzigama y'u Rwanda ni Ikigo cya Leta cyashyizweho mu w'1963 kigamije gukusanya amafaranga y'abaturage ngo kiyababikire ndetse kigatanga n'inguzanyo, kikita ku mizamukire ya rubanda no ku bukungu bw'Igihugu. Inshingano zacyo ntizashoboye kugerwaho kubera gucungwa nabi ariko cyane cyane kuva aho Repubulika ya Kabiri ihangiwe, abategetsi bayo biha kuvuyanga ibya rubanda ku buryo buteye isoni. Bamwe boazaga barata amanyenyeri ku ntugu "bakiha" nguzanyo bishakiye kuzazishyura bikaba insobe! Abandi bakaza bitwaje imyanya bari bafite muri politiki n'abategetsi bagakora amahano. Kurunda abakozi b'umurato batagira icyo bamara kubera ko boherejwe na ba kanaka, ni kimwe mu birindimuye icyo kigo.

Ku byerekeye inguzanyo, mu mwaka w'1988-1989, isanduku y'ukuzigama y'u Rwanda yabaraga miliyoni magana atanu itazaofa igaruje (créances irrécouvrables)! Abantu bakibaza bati : ariko Banki yishingiwe na Leta encore homba ite? Bimwe mu byayihombeje twabivuze haruguru. Udufaranga yapfaga gutora ni utwakomokaga ku za **'Participations'** mu masosiyete amwe n'amwe ari mu gihugu nka STIR na BK. Nta "service étranger" yo gucuruza amadovize icyo kigo cyigeze. Cyabeshwagaho n'inyungu ku nguzanyo nazo zitazaga neza n'iza turiya twa **Participations'** twavuze haruguru, ubundi kigakoresha amafaranga ya rubanda.

**Niba gishehwe, abakozi nibahabwe utwabo!**

Kuba isanduku y'ukuzigama y'u Rwanda ihirimye ntabwo bitewe n'abakozi bayo n'ubwo yari yuzuyemo ab'umurato nk'uko twabivuze. Niyo mpamvu rero bagomba guhabwa ibyo bagenerwa n'amategeko mbere y'uko imiryango bayidadira burundu. Niba kandi nta tegeko rihari rivuga uko abakozi bamera igihe icyo kigo kizaba gisheshwe, nibakurikize amategeko agenga imirimo mu Rwanda (no ku isi) ariko abakozi bahabwe utwabo. Cyangwa bazabaze muri za "Caisses d'Epargne" zo mu bindi bihugu, bazabaze n'impuguke n'ibigo mpuzamahanga bisobanukiwe nka Banki y'Isi yose n'ibindi. Ibyo aribyo byose uko byagenda kose ntabwo abakozi baviramo aho nk'aho aribo bisezereye.

**Imishyikirano imeze nka ya yindi y'i NSELE.**

Kuva aho Leta ihubukiye igasesa Isanduku y'Ukuzigama y'u Rwanda isa n'itunguwe, abakozi barahagurutse bati tuzamera dute ko tubona intambara y'abakiriya yo isa nirangiye? Bandikiranye amabarwa menshi na Minisitiri w'Imali ariko ugasanga harimo gusuzugurana n'ibintu bisa n'igitugu. Abakozi baje kurakara akazi baba bagahagaritse. Bakomeje kugirana imishyikirano itagira icyo igeraho nk'imwe y'i NSELE aho intumwa z'u Rwanda n'iz'INKOTANYI zabeshyanaga, zimwe ziti mwa mihirimbiri mwe irya ibigori gusa! N'abakozi ba CER barashaka kubahindura "imihirimbiri"! Ngo nimutajya ku kazi igihe iki n'iki muzaba mwisezereye ku kazi! Abakozi bati ntaho tuzajya mutatwemereye utwacu. Imishyikirano y'agahomamunwa ni iyabaye aho Minisitiri w'Imari agarukiye i KIGALI avuye mu butumwa muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Intumwa za Leta ziti ntidushobora kuvugana namwe mutarasubira ku kazi. Abakozi nabo bati ibyo birabareba. Ni nka byabindi ngo sinashyikirana n'inyenzi ziturasa!!

**Barakina mu bikomeye**

Barakinisha abakozi batigeze basaba ko Ikigo bakoragamo giseswa! Niba batumvikanye se barabona ko igitugu kizakemura iki? Barakinisha abaturage babikije icyo kigo amafaranga yabo bagomba kuyasubizwa nta zindi ntugunda! None se ko bagombye kuyahabwa n'abo bakozi basuzugura, barabona ko amaherezo azaba ayahe? None se ko Guverinoma icyuye igiye yari urwenya gusa gusa, igiye kujyaho nayo ikaba ifite ibibazo byuzuye umutiba, aho izibuka ikibazo cy'Isanduku y'Ukuzigama y'u Rwanda?

Aho nibamara kwicara muri MERCEDES bafunze "TAYI" bamwe bita "cravatte" bazibuka ko ikibazo cya CER hari abo gihangayikishije?

Nyamara bashatse bagishyira mu byihutirwa.

MURERAMANZI Néhémie.

# INKOTANYI zasesekaye mu murwa mukuru.

**NTA MIRIZO ZIFITE.**

Mu rwego rwo gushyira amasezerano y'amahoro mu bikorwa, abasirikare 600 b'INKOTANYI barinda abategetsi ba FPR bageze i KIGALI kuwa 28/12/1993 nk'uko biteganywa n'amasezerano ya ARUSHA yashyizweho umukono kuwa 4/8/1993. Mu ma saa cyenda n'igice niho zageze ku ngoro Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere yakoreragamo. Kuva iyo zaturutse kugera i KIGALI zari zishungerewe n'abantu benshi cyane ku mihanda. Bamwe ni abafana bazo, abandi ni abari baje kureba imirizo yazo

uko imeze nk'uko bakomeje kubitsindagirwamo intambara igitangira. KANYARENGWE (Perezida wa FPR INKOTANYI) we ati ari ababyigishaga ari n'ababibwirwaga bakabyemera ibicucu ni ibihe?

Zaraje rero baziha amashyi inzira yose, abandi bazituka, abandi barakaye umujinya nk'uw'imbogo mpaka KIGALI. Mu mayira ndetse kugera no mu mujyi wa KIGALI umutekano wari ushinzwe MINUAR, za ngabo za LONI na Jandarumeri y'Igihugu. Bamwe mu baturage bari baturutse za KIGALI no hirya no hino mu Rwanda bazirikiwe ahitwa ku GASEKE bagiye kwakira INKOTANYI. Abajandarume bati ntimukomeza kandi ntimusubira n'inyuma. Nyuma ariko baje kumvikana na MINUAR barekura abantu barakomeza. Mu mujyi naho habaye akaduruvayo ariko kadakabije ubwo kuri NYABUGOGO abaturage bashakaga kurira imodoka zari zitwaye INKOTANYI. Kuri CND naho hari abantu benshi cyane bazakiriye zihageze.

Abanyamakuru bamwe bari bagiye kuzivana aho zaturutse abandi bazitegera i KIGALI.

**Tuje en vrais INKOTANYI.**

INKOTANYI zikimara kururka mu mamodoka, Perezida wazo KANYARENGWE Alegisi yahise agirana ikiganiro n'abanyamakuru. Yaragize ati : "tuje en vrais INKOTANYI", ni ukuvuga ngo tuje turi INKOTANYI nyazo zitari za zindi bababwiraga uko zitari. Ati tuje gufatanya n'abandi banyarwanda kubaka u RWANDA, ati ntimuterwe ubwoba na ziriya mbunda INKOTANYI zije zikoreye.

Ku byerekeye amashyaka ya politiki afite ibibazo (MDR na PL) kandi agomba kujya muri Guverinoma, KANYARENGWE yavuze ko bazajya inama bakareba icyakorwa ngo ibintu bitungane. Ariko yatangajwe cyane na PL isigaye ku izina gusa. Ati uko twari tuyizi, uko twayibonye mu mishyikirano si ko iri muri iki gihe. Kuri MDR ho ngo yatangajwe n'uko yiyise PAWA adatinya kugereranya na CDR. Twizeye ariko ko FPR izitwara neza kuko iramutse ikinanye ubuswa yaba ibaye nyamwongerabibi.

**Dore abategetsi ba FPR bageze i KIGALI.**

**1. Ubuyobozi bukuru bwa FPR INKOTANYI.**

- Perezida : Colonel Alegisi KANYARENGWE
- Visi - Perezida wa mbere : Patrick MAZIMPAKA
- Visi - Perezida wa Kabiri : Denis POLISI
- Umujyanama muri Perezidansi ya FPR : Simoni NTARE
- Umunyamabanga Mukuru : Major-Médecin Théogène RUDASINGWA

Ba Komiseri :

- Gaspard NYILINKINDI (Propagande et mob. des Masses)
- Anna GAHONGAYIRE (Condition Féminine et développement)
- Frank TEGA (Jeunesse et Culture)
- Aloyiziya INYUMBA (Finances)
- Dr Emile RWAMASIRABO (Réhabilitation et Recons)
- Major Wilson RUTAYISIRE (Information)
- Antoine MUGESERA (Plan)
- Major Alphonse KAREMA (Inspection).

**2. Abadepite :**

- Pierre NDOLIMANA
- Antoine NKABUWAKABIRI
- Augustin MUVUNYI
- Major Rose KABUYE KANYANGE
- Protais MUSONI
- Valens KAJEGUHAKWA
- Maître HODARI
- Antoine SOMAYIRE
- Colonel Théoneste LIZINDE
- Abdul Karim HARELIMANA
- Dr Tito RUTAREMERA

**3. Abaminisitiri :**

- Visi- Minisitiri w'Intebe, Umunyamabanga wa Leta ushinzwe ibyo gucyura impunzi : Dr Jacques BIHOZAGARA
- Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu : Pasteur BIZIMUNGU
- Minisitiri wa Transoporo no Gutumanaho : Mme Immaculée KAYUMBA
- Minisitiri w'Ubuzima : Colonel-Médecin Joseph KAREMERA
- Minisitiri w'Urubyiruko : Seth SENDASHONGA



*Bati tugiye i NYARUGENGE!*

Abayobozi b'ibiro bya Minisitiri :

- Christine UMUTONI (Réintégration des réfugiés)
- Faustin MUSARE (MININTER)
- Gérard GAHIMA (MINITRANSCO)
- Capitaine-Médecin RUDAKUBANA (MINISANTE)
- Dr Jean Bosco BUTARE (MIJEUMA)

Haje nyine n'abasilikare bagera kuri 600 bo kuzarinda abo bategetsi, ndetse ubu akazi baragatangiye kuko baherutse ku bitaro bya KIGALI abaganga n'abarwayi bagashiduka bagiye kureba I-NKOTANYI. Batangajwe n'ukuntu ari utwana ugereranije n'abasilikare basanzwe ino. Tuzakomeza kujya tubagezaho iby'INKOTANYI hano i KIGALI, reka tube duhiniye aha. Tuzifurije akazi keza twizera ko ibyo kurasana kw'abanyarwanda bigiye nka za hene.

Néhémie MURERAMANZI
Notre Envoyé Spécial.

# Ishuri ry'uburozi kwa KABUGA Felisiyani !

Aamashuri y'ingeri nyinshi twari tuyamenyereye, ari aya Leta cyangwa ayigenga. Nina ngombwa ko yiyongera kuko abayakeneye ari benshi. Mu gihe ariko abanyarwanda bari bategereje andi mashuri yigisha nko gutwara indege cyangwa kuzikanika, hadutse ayigisha UBUROZI, ubu bwo kwica! Ubu inkuru yabaye kimomo ngo muri wa muturirwa wa KABUGA ku MUHIMA harimo ishuri ryigisha gutanga UBUTARAZA! Ni amahano aho kuba amashuri! Iyo nkuru igomba kugenzurwa bihagije yumvikanye vuba aha kuri Radio MUHABURA ya FPR INKOTANYI. Iryo shuri ricumbikiwe na KABUGA ngo ni iry'umututsikazi utuye i REMERA ya KIGALI ngo ushobora kuba akomoka mu BUGESERA. N'abanyeshuri (kazi) nabo ngo bakomoka bose iwabo w'umuyobozi (Directrice) w'ishuri ryabo!!

**Stage izakorerwa kuri FPR INKOTANYI**

Abo bakobwa bataye umutwe (nta mwari wo kwiga ishuri nk'iryo) ngo bagomba gutsembatsemba INKOTANYI zizaza i KIGALI mu nzego z'inzibacyuho yaguye. Ubu ngo amasomo arakomeye, bariga uko bazajya batanga ubwo burozi. Ngo hari ubwo bazajya basiga abo basore (INKOTANYI) ngo zagiye gusura izo nkumi, hari ubuzanyuzwa mu nzara, hari ubuzashyirwa muri byeri, mu biryo n'ibindi, maze ngo INKOTANYI zigakindagurika umusubizo! Izo nkumi ngo bazemereye ibya MIRENGE ku NTENYO! Ariko ngo bahitanye KAGAME bagabirwa isi yose !


*Ninde wahanze iryo riburagasani ry'ishuri?*

Tukimara kwumva iyo nkuru twahise twumirwa twibaza niba hari amahoro u RWANDA rutegereje koko! INKOTANYI se ko zigomba gutaha byanze bikunze kandi zikaba mu RWANDA, kariya gashuri karumva kazitsembatsemba bigashoboka? Ese ubundi abo bakobwa mu by'ukuri batumwe nande? Sinemeza ko ari uriya mugore (Directrice) uyobora iryo shuri kuko nawe afite uwamutumye! Ninde? Sinamenya uwo ari we ariko rero uwakurikirana neza yamenya ufite inyungu mu gutsembatsemba INKOTANYI. Ariko kandi ngo ibuye ryagaragaye ntiriba rikishe isuka! INKOTANYI zirabe zumva. Natwe abanya BUGESERA aho turi hose twamagane icyo cyorezo cyibasiye bashiki bacu. Ariko tuzabanze tugenzure niba atari ukubaharabika. Kuko abo bagizi ba nabi bashobora kuba bakomoka ahandi bikagerekwa ku banya BUGESERA.

MURERAMANZI Néhémie

# KUGENDA KWA MUGENZI KWARI GUTERA BENSHI GUSHAVURA!

Inkuru yabaye kimomo kuva kuwa 20/1/1994 ko MUGENZI Yusitini, Perezida w'Ishyaka riharanira ukwishyira ikizana kwa buri muntu (PL) yarashwe amasasu y'urufaya mu ijoro ryo kuwa 19/1/1994 Imana igakinga akaboko. Radio Rwanda yaramwegereye ayibwira ngo ko ntacyo ashobora gutangaza mbere y'uko anketi zikorwa. Yatangarije abanyamakuru ko gusa abashatse kumwica bamuzizaga impamvu za politiki. Radio RTLM yo mu isesengura yakoze, yasanze abanzi ba MUGENZI batagubwa nabi ngo aramutse apfuye ari aba bakurikira :



- TWAGIRAMUNGU Faustin ngo kuko amubuza gushyiraho guverinoma y'inziacyuho yaguye,
- NDASINGWA Landowaldi ngo bahanganye umwe ashaka guhitisha abadepite be, undi abe,
- FPR INKOTANYI ngo kuko ishyigikiye abanzi ba MUGENZI.

Hari abandi bavuga ko MUGENZI yakoze agakinamiwo kuko ngo n'iyo abashatse kumwica bamuhusha batari guhusha nibura imodoka. Bati ubwo rero

baragirango bashakishe abo babigerekaho ngo babe babizira kandi barengana.
Twe ntacyo twahita tubivugaho nta nketi irakorwa. Gusa ikibabaje ni uko anketi zo mu Rwanda ntacyo zijya zigeraho. Nyamara ariko ntibyatubuza kwibaza niba MUGENZI aramutse apfuye ibibazo biri mu ishyaka rye ndetse no muri M.D.R. byahita birangira, bityo inzego z'inzibacyuho yaguye zigakunda zikajyaho! Tuzakomeza dukurikirane ibya Yusitini MUGENZI.

**BYARI BIBAYE IMPURIRANE.**

Hari abanyagiparu baba i KIGALI bumvise MUGENZI yagiye muri mitingi ya M.D.R. ndetse agafata mo ijambo, bagize bati MUGENZI yabaye interahamwe byarangiye! Bati tuzamutura akaririmbo kitwa ngo : "KUGENDA KWAWE MUGENZI BIDUTEYE GUSHAVURA". Ngo bari kugasaba kuri Radio R.T.L.M. ! Abo bantu rero niba bari babajwe no "kugenda" kwa MUGENZI cyangwa niba baragiraga bati "GENDA TURAGUKIZE" nta wamenya. Ibyo ari byo byose iyo aramutse arashwe agapfa ntibari kubura gutabwa ku munigo kandi wenda bariganiraga! Wa mugani ubanza iby'ubu bitagikinishwa.

LEMANCIPATION-JIJUKA.

## ELECTROGAZ IBANGAMIYE BIKOMEYE UMUTEKANO N'IMIBEREHO BYACU.

Ni twebwe abatuye mu mugi wa KIGALI, segiteri KIMISAGARA, NYAKABANDA, CYAHAFI (igice kimwe niba atari yose). ELECTROGAZ yatanze gahunda y'uko izajya iha umuriro uduce twa Kigali ikawusaranganya nta gace karyamiwe. Byaragaragaye rero ko hajemo ivanguqra tutazi aho rishingiye. ELECTROGAZ izi neza ko Televiziyo nyarwanda yerekanwa uwa gatandatu no ku cyumweru uretse ko ubu no kuwa gatanu ngo izajya yerekanwa. Turiya duce twavuze haruguru twayirebaga ku cyumweru kuko twemerewe umuriro kuri uwo munsi. Nyamara umuriro wo ku cyumweru barawutwambuye nta n'icyo batubwiye, wafungura Televiziyo ukayireba iminota icumi gusa! Kandi ubwo kuwa gatandatu nta n'umunota tuba twayirebye. Nyamara wareba hakurya muri segiteri GITEGA ukabona umuriro urahari buri munsi, haba ku manywa cyangwa nijoro. Ni ukuvuga se ko GITEGA irusha iki andi masegiteri biruranye ? Hari n'agace ka CYAHAFI gahorana umuriro ngo kubera ko gatuyemo umwe mu bakozi ba ELECTROGAZ batanga umuriro !

Ibyo byose kandi bo kimana umuriro biduteza amabandi ku buryo inshuro eshanu mu cyumweru turara duhanganye nabo ! Ubwo se ELECTROGAZ si icyitso cy'abo bagizi ba nabi ?

ICYO DUSABA.

- Niyubahirize gahunda yatanze. Yatwemereye umuriro (nijoro) kuwa kabiri, kuwa gatanu no ku cyumweru. Uwo ku cyumweru yaje kuwisubiza ntacyo itubwiye !
- Nimenye ko umuntu ari nk'undi. None se yasobanura ite ukuntu amasegiteri amwe ahorana umuriro iminsi irindwi kuri irindwi ?
Urugero ni GITEGA ituranye na KIMISAGARA !
- Ku minsi ya televiziyo izajya ikora uko ishoboye abazifite bashobore kuzireba,
- Nikore uko ishoboye ihe bariya ba nyakabyizi utwabo bareke guhagarika ubuzima mu murwa mukuru w'igihugu !
niba kandi kayibaniye, nitange imihoho abikorera ku giti cyabo bigeragereze.

## HAKIZIMANA Mathias yaraharabitswe.



Iyi nkuru irashaje ariko ntibyatubuza kugira akantu gato tuyivugaho. Uyu mugabo HAKIZIMANA ni umucuruzi i KIGALI mu mujyi rwagati. Hashize amezi nk'atatu abantu bo mu muryango wa HABIMANA Aristarque utuye ku GISOZI cya KIGALI bashatse kumukorera inkono ishyushye ngo niwe wagambaniye uriya HABIMANA aterwa grenade imuca amaguru.
Nyamara HABIMANA ubwe yemera rwose ko amahano nk'ayo adashobora kurangwa kuri HAKIZIMANA. Ahubwo uwitwa HABINSHUTI Salum niwe icyaha cyagombye gufata. Yari umusirikare akajya yigendera nta bya ngombwa kandi igihe HABIMANA yari amaze kugirirwa nabi, byaje kugaragara ko nawe ubwe adashira amakenga Salum. Ntitubitindaho kuko bagenzi bacu babyanditse.


**HAKIZIMANA agira "ibyaha" bitatu gusa.**

Icya mbere ni uko acuruza akunguka. Atumiza ibintu mu mahanga akabiranguza, agakora n'indi mirimo y'ubucuruzi yemewe mu gihugu cyacu. "Icyaha" cya kabiri cya HAKIZIMANA ni ugukunda Ishyaka PSD. Ni umukombozi rwose. Kandi abifitiye uburenganzira busesuye nk'uko undi afite ubwo kuba inkuba, interahamwe, impuzamugambi, inkotanyi, umupeco, umu PDI nibindi...
Icyaha cya gatatu ni uko akunda Rayon Sports. Arayikunda nyine. None se hari uwigeze azira ko akunda KIYOVU, MUKURA,

MUKUNGWA, MUGAMBAZI, RUTONGO, ETINCELLES, STIR, ESPOIR, NYAKABINGO cyangwa AMAGAJU?? Uwaduha abanyarwanda bagira ishyaka nk'irya HAKIZIMANA u RWANDA rwaba ruzima.

L'EMANCIPATION.

## RAYON SPORT ibaye igihangange



*Ishema si irya none*

Ikipi y'umupira w'amaguru RAYON SPORTS iranze ibaye igihangange mu RWANDA. Uretse ibitangaza yakoze kuva ikivuka, reka turebe ibya vuba aha. Aho igikombe kitiriwe Perezida HABYARIMANA kiviriyeho (Rayon Sports niyo yatwaye burundu yonyine ?), cyasimbuwe n'icy'ubwigenge cyakiniwe muri Nyakanga 1993. Rayon Sport iti mu makipe yigenga mu Rwanda ntayo izantanga igikombe cy'ubwigenge !


Erega ubwo iba iracyanuye !

Nyuma y'aho gato, ARBEF (umuryango nyarwanda wita ku muryango) wateguye ibirori byashojwe n'umupira w'amaguru wahuje Rayon Sports na ETINCELLES zari zashoboye kurokoka muri iryo rushanwa. Icyo gikombe nacyo Rayon Sports yarakijyanye.

Reka rero FERWAFA izashake kureba ikipi y'"IGIHANGANGE" mu RWANDA muri iki gihe. Yashyizeho igikombe cyarwaniwe n'inzovu ebyiri arizo RAYON SPORTS na KIYOVU. Hari kuri Noheli 1993. Inzovu zaribase ibyatsi ariko Rayon Sports iti kuva mbona igikombe imbere yanjye ntawe ushobora kukintwara ndakurahiye. Nacyo iba iragitwaye none ubu ni igihangange mu RWANDA. Tuyifurije gukomeza aho no gutsinda irushanwa mpuzamahanga igiye guhagariramo u Rwanda. MUKURU na KIYOVU nazo zifite ubwo butumwa. N'ubwo zisanzwe zizwiho ubuhanga buhanitse, tuzisabye kwitoza bihagije.

## KARATE : Club SAMOURAI ni intangarugero.

Club SAMOURAI ni imwe mu makipe ya KARATE azwi cyane mu mujyi wa KIGALI. Ni umuryango ugizwe n'abantu bazi gukina KARATE cyangwa bitoza kuyikina. SAMOURAI ni imwe mu makipi ya KARATE agize ARAM, ishyirahamwe nyarwanda ry'imikino yo kwirwanaho nka KARATE nyine, gutera amakofe n'ibindi.



Akarusho SAMOURAI ifite ni uko ifite abakinnyi b'ingeri zose : abana, abasore, inkumi, abagabo n'abasaza kandi ugasanga bose bajijutse. SAMOURAI twayimenye kuwa 9/1/94 ubwo yakoreshaga ibizamini abakinnyi bayo bahataniraga imikandara (ceintures). Bose baratsinze kuko batojwe gihanga. Kapiteni ni BUTARE Emmanuel ufite ceinture MARRON. Mu kwezi kwa MATA azahatanira umukandara w'umukara (ceinture noire).

Mu by'ukuri icyo ashigaje ni ukuwubona kuko ibyo abawufite bazi nawe arabizi. Mu ikipe ye hari n'abandi batatu bafite ceinture MARRON bakeneye noire.

Twifurije uwo muryango guhora utera imbere.

MURERAMANZI Néhémie.

## KURUVUNE MARCELLINI ATUVUYEMO TWARI TUKIMUKENEYE.

Yari umugabo w'imyaka 40. Abanyarwanda benshi bamuzi mu kigo cy'igihugu cyita ku bukerarugendo na za pariki z'igihugu (O.R.T.P.N.) atanga ikiganiro cy'icyo kigo kuri Radiyo Rwanda. Benshi bamwumvaga barabimukundiraga kandi batarigeze bamubona. Yavuye muri icyo kigo azize amaherere aho UWILINGIYIMANA Yuvenali agiriye kukiyobora.

KURUVUNE Marcellini yishwe ateraguwe ibyuma kuwa

12\1\1994 mu ma saa ine z'umugoroba. Yari avuye aho yacururizaga ibinyobwa mu NYAKABANDA (KIGALI). Abishi be yabahaye amafaranga yari afite yose barayanga. Apfuye yakoraga muri Minisiteri y'Ibidukikije n'Ubukerarugendo. Yari n'umwanditsi mukuru w'Ikinyamakuru LA BRISE DU CENTRE-UMUHUZA. Yari umuyoboke w'ishyaka M.D.R. Nta muntu yabangamiraga mu mibereho ye ya buri munsi, yahoraga acyeye, aseka, nta mahane. Ntituzi icyo abamuhitanye bamuhoye.

Imana imwakire mu bayo kandi izamuhorere.

La rédaction.

## URUNGANO SPORTS, gira umwaka muhire w'1994.



*URUNGANO rw'abasore n'abasaza ntako rusa.*

Kuwa 09/01/94, ikipe y'abafongisiyoneri bakinira umupira w'amaguru kuri Sainte Famille buri cyumweru yijihije isabukuru y'imyaka 15 imaze ishinzwe. Mu by'ukuri ntawavuga ko ari ikipi gusa ahubwo ni umuryango, ni famille nyine. Si ukuvuga ko abagize uwo muryango bose banganya imyaka ahubwo ni uko muri famille ntawe uruta undi, bose bafatwa kimwe. Ugize ibyago umuryango uramutabara, ugize ibirori umuryango ukabyizihiza ukamutwerera. Igishimishije kandi ni uko imiryango ya Famille URUNGANO ihora ifunguye.

TUYIFURIJE KURAMBA !

## MUKURA V.S. irongeye iraje.

MUKURA Victory Sport yari imaze iminsi ifite ingorane, ntibashe gutsinda ibitego ahubwo ikabitsindwa gusa. Abafasha bayo bari baranze gucika intege cyane kuko batiyumvishaga ko ikipe yigeze kuba iya mbere mu Rwanda mu gapira gasukuye yagenda buheriheri! Ejo bundi kuwa 8 n'iya 9 Mutarama 1994 bongeye kuzamura "morale". Kuwa gatandatu (8/1/94), MUKURA yahuye na STIR, MUKURA inyagira STIR ibitego nk'ibyo muri BASKET! Bindatu byose kuri kimwe nacyo cy'ikibano!! Bwarakeye kuwa 9/1/94, MUKURA ihura na MUKUNGWA. Nayo byahuriye kuri Stade Régional i NYAMIRAMBO. Umupira warangiye MUKURA itsinze MUKUNGWA ibitego byiza cyane bitatu kuri bibiri. Ariko umusifuzi nawe yakoze uko ashoboye MUKUNGWA ibona pénaliti idahwitse, ubundi byari bitatu kuri kimwe. Mu rwego rero rwo kwitegura gusetukira u RWANDA mu mikino mpuzamahanga, MUKURA ije neza cyane. Tuyifurije kuzakomeza kwitwara neza. Isabwe ariko gukosora inyuma hayo kuko igiye guhura n'ibindi bihangange. Abakinnyi irabafite babishoboye, ahasigaye ni ah'umutoza.

MURERAMANZI Néhémie.

## M.D.R.: BURI MURWANASHYAKA AZAGIRA IYE BIRO POLITIKI ?!

Biratangaje kandi birababaje kubona haba inama ebyiri za biro politiki, zikabera umunsi umwe, zikayoborwa n'abantu batandukanye ! Ako gahomamunwa kabaye kuwa 18\1\1994. Ku biro bikuru bya M.D.R. hateraniye biro politiki yitabiriwe n'abantu 29, iyoborwa na Visi-Perezida wa mbere, Dogiteri NSENGIYAREMYE. Mu kiganiro komite nyobozi ya M.D.R. yagiranye n'abanyamakuru, kuri uwo mugoroba, hamenyekanye ko hari abantu 7 bagize biro politiki batashoboye kuza mu nama (4 bari mu butumwa mu mahanga, 3 babujijwe n'akazi kenshi kandi ngo babimenyesheje komite nyobozi). Twibutse ko biro politiki ya M.D.R. igizwe n'abantu 44, quorum ikaba ari abantu 26.

Nyamara nyuma ya saa sita TWAGIRAMUNGU nawe yayoboye indi biro politiki. Ubwo se ni ukuvuga ko yakoranije abantu batageze no ku icumi dukurikije imibare yatanzwe haruguru na komite nyobozi ? Buriya se koko amaherezo azaba ayahe muri M.D.R. ? Abarwanashyaka aho bari mu makomini bari bakwiye kugira icyo bavuga ku ishyaka ryabo naho ubundi rihindutse agasitswe kubera inyungu z'abantu ku giti cyabo !

### NONEHO BAGEZE MU RW'UBUJURIRE

Za manza za M.D.R. na TWAGIRAMUNGU zatangiriye mu rw'iremezo rwa Kigali zikomeje gukururana none zigeze mu rw'ubujurire. Amakuru atugeraho aratumenyesha ko kuwa 31\1\1994 bazajya guhanganira mu rw'ubujurire rwa KIGALI. Ubwo kandi ngo baracyaburana ibyerekeranye na "procédure"! Ubu se inzibacyuho nirangira izo manza zitararangira abarwanashyaka ba M.D.R. bazatanga abakandida bangahe ku mwanya wa Perezida wa Repubulika ? Bibaye ibyo se ninde wakwemerwa ko ahagarariye M.D.R., ari TWAGIRAMUNGU ari na komite nyobozi ?

MWISUNGE AMASHYIRAHAMWE YA KIJYAMBERE

# ASDG : ASSOCIATION POUR LE SERVICE ET LA DOCUMENTATION GEOGRAPHIQUES

**OBEJCTIFS :**

L'association a pour objet de :
- promouvoir les sciences géographiques au Rwanda;
- constituer une documentation géographique sur le Rwanda et le monde entier;
- réaliser et publier des documents et des informations géographiques ou connexe à usage scolaire ou autre...;
- aider les Rwandais à mieux comprendre et à mieux protéger leur environnement;
- participer activement à la Recherche - Developpement au Rwanda;
- éveiller les Rwandais à la notion et à l'intérêt socio-économique des pôles de développement.

**INTEGO**

Umuryango ugamije :
- guteza imbere ubumenyi bw'isi mu Rwanda
- Kwegeranya ibyifashisho-nyandiko by'ubumenyi bw'isi ku Rwanda n'isi yose
- gukora no gutangaza ibikorwa-nyandiko n'amakuru y'ubumenyi bw'isi bigenewe amashuri cyangwa ibindi...
- gufasha abanyarwanda kurushaho gusobanukirwa no kurengera ibidukikije
- kwifatanya n'umwete-muhati mu gushakisha amajyambere y'u Rwanda
- gukangurira abanyarwanda ku migendekere n'akamaro k'imiturire mu midugudu yegeranya abantu, ahashobora gukorerwa ibikorwa bizamura rubanda nyamwinshi.

**Représentant Légal : NDAHIMANA André**
**C/O B.P. 2221 KIGALI**



*Urungano rumaze imyaka 15.*